# *Ibirimo/Summary/Sommaire* *page/urup*

### A. *Amabwiriza/ Instructions/ Instructions*

**№ 03/2018 yo ku wa 09/07/2018**
Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora agenga amatora y'Abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite yo muri Nzeri 2018..........2

### B. *Amabwiriza ya Minisitiri/ Ministerial Instructions/ Instructions Ministérielles*

**N°002 yo ku wa 26/06/2018**
Amabwiriza ya Minisitiri arebana n'amashyamba ..........54
**Nº002 of 26/06/2018**
Ministerial Instructions on forests……………54
**N°002 du 26/06/2018**
Instructions Ministérielles relatives aux forêts ……………54

**REPUBURIKA Y'U RWANDA**
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

AMABWIRIZA N° 03/2018 YO KU WA 09/07/2018 YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

AGENGA

AMATORA Y'ABAGIZE INTEKO ISHINGA AMATEGEKO, UMUTWE W'ABADEPITE

YO MURI NZERI 2018

**NYAKANGA, 2018**

**ISHAKIRO**

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE ..... 2
Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije ..... 2
Ingingo ya 2: Umuntu ufite uburenganzira bwo gutora ..... 2
UMUTWE WA 2: ILISITI Y'ITORA ..... 2
Ingingo ya 3:Uburyo bwo kwiyandikisha ku ilisiti y'itora ..... 2
Ingingo ya 4:Imiterere y'ilisiti y'itora ..... 2
Ingingo ya 5: Utemerewe kwiyandikisha ku ilisiti y'itora ..... 2
Ingingo ya 6: Igihe n'uburyo byo gutangaza ilisiti y'itora ..... 2
Ingingo ya 7: Ilisiti y'itora ya buri cyumba cy'itora ..... 3
Ingingo ya 8: Ilisti y'itora y'abatorera mu mahanga ..... 3
UMUTWE WA 3: INSHINGANO N'IMYITWARIRE BY'ABAYOBORA AMATORA ..... 3
Ingingo ya 9: Abashinzwe kuyobora amatora ..... 3
Ingingo ya 10: Ibisobanuro by'ijambo "umukorerabushake" w'amatora ..... 3
Ingingo ya 11: Utemerewe kuba umukorerabushake w'amatora ..... 3
Ingingo ya 12: Ibyiciro by'abakorerabushake b'amatora ..... 3
Ingingo ya 13: Inshingano z'Abayobora amatora ku rwego rw'Umurenge ..... 3
Ingingo ya 14: Inshingano za Komite iyobora amatora ku Biro by'Itora ..... 4
Ingingo ya 15: Inshingano za Perezida w'Ibiro by'itora ..... 4
Ingingo ya 16: Inshingano z'Umuhuzabikorwa w'Icyumba cy'itora ..... 4
Ingingo ya 17: Inshingano rusange z'abaseseri mu byumba by'itora ..... 4
Ingingo ya 18: Inshingano zihariye za buri museseri ..... 5
Ingingo ya 19: Isimburwa ry'abashinzwe gutoresha ku Biro by'itora ..... 5
Ingingo ya 20: Amahame remezo agenga imyitwarire y'Abakorerabushake b'amatora ..... 5
Ingingo ya 21: Ibibujijwe abayobora amatora ..... 5
UMUTWE WA IV: INSHINGANO N'IMYITWARIRE Y'ABAGIRA URUHARE MU BIKORWA BY'AMATORA ..... 6
ICYICIRO CYA MBERE: ABANYAMAKURU ..... 6
Ingingo ya 22: Uburenganzira bwo gukurikirana amatora n'ibisabwa ..... 6
Ingingo ya 23: Imyitwarire igomba kuranga abanyamakuru mu bihe by'amatora ..... 6
ICYICIRO CYA 2: INZEGO ZISHINZWE UMUTEKENO MU BIHE BY'AMATORA ..... 6
Ingingo ya 24: Inzego zishinzwe umutekano mu bihe by'amatora ..... 6
Ingingo ya 25: Inshingano z'abashinzwe umutekano mu bihe by'amatora ..... 6

Ingingo ya 26: Ibyo abashinzwe umutekano babujijwe mu bihe by'amatora ........................................... 7
ICYICIRO CYA 3: INDORERERZI Z'AMATORA 7
Ingingo ya 27: Ibisobanuro by'ijambo "indorerezi" y'itora. ........................................................................ 7
Ingingo ya 28: Itumirwa n'itangira ry'imirimo y'indorerezi ......................................................................... 7
Ingingo ya 29: Aho indorerezi z'abenegihugu zishobora guturuka 7
Ingingo ya 30: Aho indorerezi mvamahanga zishobora guturuka .............................................................. 7
Ingingo ya 31: Ibigomba kugaragazwa n'abasaba kuba indorerezi ............................................................ 7
Ingingo ya 32: Ibisabwa indorerezi muri rusange ........................................................................................ 8
Ingingo ya 33: Ibisabwa Indorerezi iturutse mu mahanga by'umwihariko................................................. 8
Ingingo ya 34: Ibyangombwa bihabwa indorerezi y'itora 8
Ingingo ya 35: Ibigomba kubahirizwa n'indorerezi y'itora............................................................................ 8
Ingingo ya 36: Uburenganzira bw'indorerezi y'itora .................................................................................... 8
Ingingo ya 37: Gutakaza uburenganzira bwo kuba Indorerezi 8
Ingingo ya 38: Raporo itangwa n'Indorerezi ................................................................................................. 8
ICYICIRO CYA 4: ABAHAGARARIYE ABAKANDIDA ....................................................................................... 9
Ingingo ya 39: Uhagarariye umukandida ....................................................................................................... 9
Ingingo ya 40: Aho abahagarariye abakandida bemerewe gukurikirana ibikorwa by'amatora ................... 9
Ingingo ya 41: Uguhagararirwa k'umukandida mu cyumba cy'itora no ku biro by'itora 9
Ingingo ya 42: Igihe Umukandida ashyikiririza Komisiyo urutonde rw'abamuhagararira mu itora 9
Ingingo ya 43: Ibyo uhagarariye umukandida afitiye uburenganzira bwo gukurikirana mu gihe cy'itora ........................................................................................................................................ 10
Ingingo ya 44: Ibibujijwe uhagarariye umukandida ...................................................................................10
UMUTWE WA V: GUTANGA KANDIDATIRE .................................................................................................. 10
ICYICIRO CYA MBERE: INGINGO RUSANGE .................................................................................................. 10
Ingingo ya 45: Igi he cyo kwakira kandidatire............................................................................................. 10
Ingingo ya 46: Igihe abakandida bigenga basinyishiriza ababashyigikiye n'aho bikorerwa 10
Ingingo ya 47: Ibisabwa kugira ngo umuntu atorerwe umurimo w'Ubudepite. .......................................10
Ingingo ya 48: Ikimenyetso kiranga umukandida ku rupapuro rw'itora ....................................................11
Ingingo ya 49: Uburyo kandidatire zitangwa ............................................................................................... 11
Ingingo ya 50: Igihe kigenerwa umukandida ngo yuzuze dosiye .............................................................. 11
Ingingo ya 51: Gukuramo kandidatire 11
Ingingo ya 52: Gutangaza kandidatire zemewe .........................................................................................11
ICYICIRO CYA 2: GUTANGA KANDIDATIRE Y'ABADEPITE BATORWA MU BURYO BUTAZIGUYE.................. 11

Ingingo ya 53: Itangwa rya lisiti y'abakandida b'Imitwe ya Politiki ........ 11
Ingingo ya 54: Ibigomba kugaragara muri dosiye z'abakandida b'Imitwe ya Politiki ........ 12
Ingingo ya 55: Ibisabwa umukandida wigenga ........ 12
Ingingo ya 56: Ibigomba kugaragara ku rutonde rw'abashyigikiye umukandida wigenga ........ 12
ICYICIRO CYA 3: GUTANGA KANDIDATIRE MU ITORA RY'ABADEPITE BATORWA MU BURYO BUZIGUYE ........ 13
Ingingo ya 57: Urwego rushyikirizwa kandidatire n'icyemezo gihabwa utanze kandidatire ........ 13
Ingingo ya 58: Ibisabwa abakandida mu myanya y'Abadepite batorwa mu buryo buziguye ........ 13
Ingingo ya 59: Itangwa rya kandidatire ku myanya y'Abadepite b'abagore ........ 13
Ingingo ya 60: Itangwa rya kandidatire ku myanya y'Abadepite b'Urubyiruko ........ 13
Ingingo ya 61: Itangwa rya kandidatire ku mwanya w'Umudepite ufite ubumuga ........ 13
UMUTWE WA VI: KWIYAMAMAZA ........ 13
Ingingo ya 62: Ifasi yo kwiyamamarizamo ........ 13
Ingingo ya 63: Igihe cyo kwiyamamaza ........ 14
Ingingo ya 64: Uburyo bwemewe gukoreshwa mu gihe cyo kwiyamamaza ........ 14
Ingingo ya 65: Uburyo umukandida wifuza kwiyamamaza mu bitangazamakuru bya Leta abisaba ........ 14
Ingingo ya 66: Aho Abakandida bamanika amafoto n'inyandiko zibamamaza ........ 14
Ingingo ya 67: Kumenyekanisha ahazakorerwa igikorwa cyo kwiyamamaza ........ 14
Ingingo ya 68: Uburyo bwo gukemura impaka iyo habayeho kugongana kw'ibikorwa byo kwiyamamaza ........ 14
Ingingo ya 69: Icyemezo gihabwa uwamamaza umukandida ........ 15
Ingingo ya 70: Ibikorwa bibujijwe mu gihe cyo kwiyamamaza cyangwa kwamamaza umukandida ........ 15
Ingingo ya 71: Kwiyamamaza hakoreshejwe ikoranabuhanga ........ 15
Ingingo ya 72: Kumanika ibyamamaza abakandida kuri Ambasade ........ 15
Ingingo ya 73: Igihe cyo kwiyamamaza kigenerwa abakandida batorwa mu buryo buziguye ........ 15
Ingingo ya 74: Gahunda yo kwiyamamaza kw'Abakandida batorwa mu buryo buziguye ........ 15
Ingingo ya 75: Ibyemezo bifatirwa umukandida wiyamamaza ku giti cye utubahiriza amategeko mu gikorwa cyo kwiyamamaza ........ 16
Ingingo ya 76: Ibyemezo bifatirwa Umutwe wa Politiki utubahiriza amategeko mu gikorwa cyo kwiyamamaza ........ 16
Ingingo ya 77: Ibyerekeye gukemura ibibazo bivuka mu kwiyamamaza ........ 16
UMUTWE WA VII: IBIREBANA N'ITORA NYIRIZINA ........ 17
ICYICIRO CYA MBERE: INGINGO RUSANGE 17

Ingingo ya 78: Ahatorerwa ..... 17
Ingingo ya 79: Umubare w'Ibiro n'Ibyumba by'itora ..... 17
Ingingo ya 80: Itegurwa ry'ahatorerwa ..... 17
Ingingo ya 81: Isaha abayobora amatora bagerera ku biro by'itora ..... 17
Ingingo ya 82: Ibyingenzi bikorwa mbere yo gutangira gutora ..... 17
Ingingo ya 83: Ibikoresho bikenerwa mu cyumba cy'itora ..... 17
Ingingo ya 84: Igihe cyo gutangira no gusoza itora ..... 18
Ingingo ya 86: Gusobanura imigendekere y'itora ..... 18
Ingingo ya 87: Kuzuza inyandikomvugo itangiza itora ..... 19
Ingingo ya 88: Ibyangombwa uje gutora yitwaza ..... 19
Ingingo ya 89: Uburyo bwo gutora k'uwanditse ku ilisiti y'itora ariko ifoto ye itahagaragara ..... 19
Ingingo ya 90: Abemerewe gutorera aho batanditse ..... 19
Ingingo ya 91: Ibisabwa abemerewe gutorera aho batiyandikishije ..... 19
Ingingo ya 92: Aho abasirikare n'abapolisi bakora bacumbitse mu bigo batorera ..... 20
Ingingo ya 93: Uko abemerewe gutora batuye Umudugudu bashyirwa mu byumba by'itora ..... 20
Ingingo ya 94: Aboroherezwa gutora mbere y'abandi ..... 20
Ingingo ya 95: Abemerewe kwifashisha ababatorera ..... 20
Ingingo ya 96: Abemerewe kwinjira mu Cyumba cy'itora mu igihe cy'itora ..... 20
Ingingo ya 97: Ibibujijwe mu Cyumba cy'itora ..... 20
ICYICIRO CYA 2: ITORA RY'ABADEPITE BATORWA MU BURYO BUTAZIGUYE 21
Ingingo ya 98: Abadepite batorwa ku buryo butaziguye ..... 21
Ingingo ya 99: Uburyo bwo gutondekanya abakandida ku rupapuro rw'itora ..... 21
Ingingo ya 100: Imiterere y'urupapuro rw'itora ritaziguye ..... 21
Ingingo ya 101: Uburyo bwo kuzinga urupapuro rw'itora ..... 21
Ingingo ya 102: Uburyo bwo gutora ..... 21
ICYICIRO CYA 3: ITORA RY'ABADEPITE BATORWA MU BURYO BUZIGUYE 21
Ingingo ya 103: Abadepite batorwa mu buryo buziguye ..... 21
Ingingo ya 104: Imiterere y'urupapuro rw'itora mu matora y'abadepite batorwa mu buryo buziguye ..... 21
Akiciro ka mbere: Itora ry'Abadepite makumyabiri na bane (24) b'Abagore 22
Ingingo ya 105: Inteko itora Abadepite b'Abagore ..... 22
Ingingo ya 106: Aho amatora y'Abadepite b'Abagore abera ..... 22
Ingingo ya 107: Uburyo bwo gutora Abadepite b'Abagore ..... 22
Akiciro ka 2: Itora ry'Abadepite babiri (2) batorwa mu Rubyiruko 22

Ingingo ya 108: Inteko itora n'aho itora ribera ........ 22

Ingingo ya 109: Uburyo bwo gutora ........ 22

Akiciro ka 3: Itora ry'Umudepite utorwa n'Inama y'Igihugu y'Abafite ubumuga 22

Ingingo ya 110: Inteko itora n'aho itora ribera ........ 22

Ingingo ya 111: Uburyo bwo gutora ........ 23

ICYICIRO CYA 4: GUSOZA ITORA 23

Ingingo ya 112: Integuza yo gusoza itora ........ 23

Ingingo ya 113: Isaha yo gusoza itora ........ 23

Ingingo ya 114: Gusubika itora ........ 23

Ingingo ya 115: Ibikorwa nyuma yo gusoza itora ........ 23

UMUTWE WA VIII: IBARURA N'IKUSANYA RY'AMAJWI ........ 23

Ingingo ya 116: Ibarura ry'amajwi n'aho rikorerwa ........ 23

Ingingo ya 117: Uko ibikorwa by'ibarura ry'amajwi bikurikirana ........ 23

Ingingo ya 118: Urupapuro rw'itora rufatwa nk'Impfabusa ........ 24

Ingingo ya 119: Ikimenyetso gifatwa nk'ijwi ry'Umukandida ........ 25

Ingingo ya 120: Isubikwa ry'ibarura ry'amajwi ........ 25

Ingingo ya 121: Kumenyekanisha ibyavuye mu ibarura ry'amajwi mu Cyumba cy'itora ........ 25

Ingingo ya 122: Ihuzwa ry'ibyavuye mu itora ku Biro by'itora ........ 25

Ingingo ya 123: Ihuzwa ry'ibyavuye mu matora ku rwego rw'Akarere no ku rwego rw'Igihugu ........ 25

Ingingo ya 124: Ihuzwa ry'ibyavuye mu itora ry'Abadepite b'abagore ........ 26

Ingingo ya 125: Ihuzwa ry'ibyavuye mu matora y'Abadepite babiri (2) b'Urubyiruko ........ 26

Ingingo ya 126: Ihuzwa ry'ibyavuye mu itora ry'Umudepite ufite ubumuga ........ 27

Ingingo ya 127: Ahamanikwa inyandiko zahurijweho ibyavuye mu matora ........ 27

Ingingo ya 128: Kubika impapuro z'itora ........ 27

Ingingo ya 129: Abatsindira imyanya y'Abadepite batorwa mu buryo buziguye ........ 27

Ingingo ya 130: Uburyo tombola ikorwa kubanganyije amajwi ku nshuro ya kabiri ........ 27

Ingingo ya 131: Gutangaza ibyavuye mu matora n'igihe bikorerwa ........ 27

Ingingo ya 132: Ikemurwa ry'impaka ku bikorwa by'amatora cyangwa ibyavuye mu matora ........ 28

UMUTWE WA IX: IMIGENDEKERE Y'AMATORA MU MAHANGA ........ 28

Ingingo ya 133: Aho amatora abera n'igihe akorerwa mu mahanga ........ 28

Ingingo ya 134: Igihe itora ritangirira n'igihe rirangirira ........ 28

Ingingo ya 135: Abemerewe gutorera muri Ambassade ........ 28

Ingingo ya 136: Abayobora amatora ........ 28

Ingingo ya 137: Ibarura n'ihuzwa ry'ibyavuye mu matora muri Ambasade ........ 28

Ingingo ya 138: Kubika ibikoresho by'itora ........ 28

UMUTWE WA X: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA ........ 29

Ingingo ya 139: Inzego zikurikirana uwanyuranyije n'amategeko ........ 29

Ingingo ya 140: Amabwiriza y'inyongera ........ 29

Ingingo ya 141: Iyubahirizwa ry'aya Mabwiriza ........ 29

Ingingo ya 142: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'aya Mabwiriza ........ 29

Ingingo ya 143: Igihe aya Mabwiriza atangira gukurikizwa ........ 29

UMUGEREKA WA MBERE: ICYEMEZO GITANGA UBUBASHA BWO ........ 30

GUHAGARARIRA UMUKANDIDA........ 30

UMUGEREKA WA 2: INDAHIRO ITANGIZA ITORA ........ 31

*UMUGEREKA WA 3: INYANDIKOMVUGO ITANGIZA ITORA MU CYUMBA CY'ITORA* ........ 32

UMUGEREKA WA 4: ABATOREYE AHO BATANDITSE ........ 33

UMUGEREKA WA 5: IMITERERE Y'URUPAPURO RW'ITORA MU MATORA Y'ABADEPITE BATORWA MU BURYO BUTAZIGUYE ........ 34

UMUGEREKA WA 6: IMITERERE Y'URUPAPURO RW'ITORA MU MATORA Y'ABADEPITE BATORWA MU BURYO BUZIGUYE ........ 35

UGEREKA WA 7: INYANDIKO ISUBIKA ITORA CYANGWA YONGERA IGIHE CY'ITORA ........ 36

*UMUGEREKA WA 8: INYANDIKOMVUGO ISOZA ITORA* ........ 37

*UMUGEREKA WA 9: INYANDIKOMVUGO ISUBIKA IBARURA RY'AMAJWI* ........ 38

*UMUGEREKA WA 10: INYANDIKOMVUGO Y'IBARURA RY'AMAJWI MU CYUMBA CY'ITORA* ........ 39

*UMUGEREKA WA 11: INYANDIKOMVUGO Y'IHUZWA RY'AMAJWI KU BIRO BY'ITORA* ........ 41

*UMUGEREKA WA 12: INYANDIKOMVUGO Y'IHUZWA RY'AMAJWI KU KARERE* ........ 42

*UMUGEREKA WA 13: INYANDIKOMVUGO Y'IHUZWA RY'AMAJWI KU RWEGO RW'IGIHUGU* ........ 43

*UMUGEREKA WA 14: INYANDIKOMVUGO Y'IBARURA/IHUZWA RY'AMAJWI MU MATORA AZIGUYE* ........ 44

*UMUGEREKA WA 15: INYANDIKOMVUGO KU BANYURANIJE N'AMATEGEKO N'AMABWIRIZA* ........ 45

**Inama y'Abakomiseri,**

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 2 n'iya 139;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga Nº 004/2018.O.L. ryo ku wa 21/06/2018 rigenga amatora, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3;

Ishingiye ku Itegeko N°31/2005 ryo ku wa 24/12/2005 rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora nk'uko ryavuguruwe kandi ryujujwe kugeza ubu cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3 n'iya 5;

Imaze kubona ko kugira ngo amatora akorwe mu mucyo no mu bwisanzure agomba kuba ateguwe neza, agakorwa mu buryo butunganiye buri Munyarwanda;

Imaze kuyasuzuma no kuyemeza mu nama yayo yo ku wa 09/07/2018;

**Itanze Amabwiriza akurikira:**

## UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije**

Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko, aya Mabwiriza agenga amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite, ateganyijwe muri Nzeri 2018.

**Ingingo ya 2: Umuntu ufite uburenganzira bwo gutora**

Gutora ni uburenganzira bwa buri Munyarwanda wujuje ibyangombwa bisabwa n'Itegeko Ngenga rigenga amatora n'Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Buri Munyarwanda uba mu Gihugu cyangwa mu mahanga yemererwa gutora iyo yujuje ibi bikurikira:

1) Kuba yujuje nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko ku munsi w'itora;
2) Kuba yariyandikishije ku ilisiti y'itora;
3) Kuba atarambuwe n'inkiko zibifitiye ububasha uburenganzira mbonezamubano n'ubwa Politiki kandi atazitiwe n'imwe mu nzitizi ziteganywa mu ngingo ya gatandatu (5) y'aya Mabwiriza.

## UMUTWE WA 2: ILISITI Y'ITORA

**Ingingo ya 3:Uburyo bwo kwiyandikisha ku ilisiti y'itora**

Muri buri Mudugudu no muri Ambasade y'u Rwanda haba hari ilisiti y'itora.

Uburyo bwo kwiyandikisha no kwikosoza ku ilisiti y'itora no kuyivugurura bigenwa n'Amabwiriza yihariye ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

**Ingingo ya 4:Imiterere y'ilisiti y'itora**

Ilisiti y'itora ni inyandiko ikubiyemo imyirondoro y'abantu bemerewe gutora igaragaza ibi bikurikira:

1) Ifoto y'uwemerewe gutora;
2) Nomero y'ikarita y'itora ye;
3) Amazina ye yose;
4) Umwaka we w'amavuko;
5) Nomero y'ikarita ndangamuntu;
6) Ahanditse yatoye havivurwa umunsi w'itora.

**Ingingo ya 5: Utemerewe kwiyandikisha ku ilisiti y'itora**

Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 6 y'Itegeko Ngenga rigenga Amatora abantu bakurikira ntibemerewe kwiyandikisha ku ilisiti y'itora:

1° uwambuwe n'inkiko zibifitiye ububasha uburenganzira bwo gutora akaba atarahanagurwaho ubwo busembwa cyangwa ngo ahabwe imbabazi mu buryo buteganywa n'amategeko;
2° uwahamwe n'icyaha cy'ubwicanyi cyangwa ubuhotozi;
3° uwahamwe n'icyaha cya jenoside cyangwa ibyaha byibasiye inyokomuntu;
4° uwahamwe n'icyaha cyo gusambanya abana;
5° uwahamwe n'icyaha cyo gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato;
6° ufite cyangwa ugaragaje uburwayi bwo mu mutwe cyangwa uhungabanya umudendezo w'abaturage n'ahandikirwa ilisiti y'itora;
7° umuntu ufunze;
8° impunzi.

Buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa, Ubushinjacyaha Bukuru bushyikiriza Komisiyo urutonde rw'abahamijwe ku buryo budasubirwaho ibyaha bituma batemererwa kwiyandikisha ku ilisiti y'itora.

**Ingingo ya 6: Igihe n'uburyo byo gutangaza ilisiti y'itora**

Ilisiti y'itora y'agateganyo itangazwa mu minsi itari munsi ya mirongo itatu (30) mbere y'umunsi w'itora. Amakosa yagaragaye nyuma y'itangazwa ry'agateganyo, akosorwa n'ishami rya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ku rwego rw'Akarere binyujijwe ku mukozi wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ubishinzwe ku rwego rw'Akagari.

Urutonde rw'abakuwe ku ilisiti y'itora y'agateganyo rumenyekanishwa ku rwego rw'Akagari. Ilisiti ntakuka itangazwa iminsi itari munsi ya cumi n'itanu (15) mbere y'umunsi w'itora hamaze gukosorwa amakosa yagaragaye mu ilisiti y'agateganyo.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora itangaza ilisiti y'itora ku rubuga rwayo no mu itangangazamakuru.

**Ingingo ya 7: Ilisiti y'itora ya buri cyumba cy'itora**
Buri Cyumba cy'itora kigira ilisiti y'itora yacyo iriho abazagitoreramo batari hasi ya magana atanu (500) kandi batarenga magana arindwi (700). Iyo abatorera mu Mudugudu umwe barenze magana arindwi (700), hafungurwa ibyumba by'itora birenze kimwe byemejwe n'Inama y'Abakomiseri.

Amazina ari ku ilisiti y'abatorera mu Cyumba kimwe akurikirana hakurikijwe urutonde rw'inyuguti zibanza z'amazina yabo, nk'uko yanditse ku ikarita ndangamuntu.

**Ingingo ya 8: Ilisti y'itora y'abatorera mu mahanga**
Ilisiti y'itora y'Abanyarwanda baba mu mahanga, ikorwa hashingiwe ku mabwiriza yihariye ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

## UMUTWE WA 3: INSHINGANO N'IMYITWARIRE BY'ABAYOBORA AMATORA

**Ingingo ya 9: Abashinzwe kuyobora amatora**
Abashinzwe kuyobora amatora ni Abakomiseri, Abakozi n'Abakorerabushake ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

**Ingingo ya 10: Ibisobanuro by'ijambo "umukorerabushake" w'amatora**
Muri aya Mabwiriza, Umukorerabushake w'Amatora ni Umunyarwanda wese wemerewe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, ufite nibura imyaka 18 y'amavuko, ubishaka kandi ubifitiye ubushobozi, udafite imiziro iteganywa n'amategeko imubuza gutora no gutorwa, wiyemeza gufatanya na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu mirimo yo gutegura no kuyobora amatora, nta gihembo ategereje kandi agakorana ubwitange.

Mu bihe by'amatora Umukorerabushake agira ikimuranga ahabwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

**Ingingo ya 11: Utemerewe kuba umukorerabushake w'amatora**
Utagejeje ku myaka cumi n'umunani (18) y'amavuko, ufite imiziro imubuza gutora cyangwa gutorwa ndetse n'abari mu nzego zikurikira ntibemerewe kujya mu gikorwa cy'amatora nk'Abakorerabushake:

1) Abaminisitiri;
2) Abagize Inteko Ishinga Amategeko;
3) Abaguverineri b'Intara n'Abagize Komite Nyobozi y'Akarere n'iy'Umujyi wa Kigali;
4) Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari, Imirenge, Uturere n'ab'Intara/Umujwi wa Kigali;
5) Abagize Komite Nyobozi y'Umudugudu;
6) Abacamanza, n'Abashinjacyaha;
7) Abashinzwe umutekano (Abasirikare, Abapolisi, NISS, RIB, DASSO);
8) Indorerezi z'amatora;
9) Abayobozi n'abahagarariye Imitwe ya Politiki ku nzego zayo zitandukanye.

**Ingingo ya 12: Ibyiciro by'abakorerabushake b'amatora**
Abakorerabushake bagizwe n'ibyiciro bikurikira:

1) Abayobora amatora ku rwego rw'Umurenge;
2) Perezida w'Ibiro by'itora;
3) Umuhuzabikorwa w'Icyumba cy'itora mu bigize ibyo Biro by'itora;
4) Abaseseri batatu (3) n'ababasimbura babiri (2) kuri buri Biro by'itora.

**Ingingo ya 13: Inshingano z'Abayobora amatora ku rwego rw'Umurenge**
Abayobora amatora ku rwego rw'Umurenge ni Abakorerabushake b'amatora bashyirwaho na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu bihe by'amatora; bafite inshingano zikurikira:

1) Kuyobora no guhuza ibikorwa by'amatora ku rwego rw'Umurenge;
2) Gukorana neza n'abafatanyabikorwa ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu Murenge;
3) Gushyikiriza ibikoresho by'amatora abayobora amatora ku rwego rwa Site z'itora zigize Umurenge ashinzwe;

4) Gukurikirana imikoreshereze y'umutungo wa Komisiyo muri Site z'itora zigize Umurenge ashinzwe;
5) Kubahiriza no gushyira mu bikorwa gahunda y'amatora;
6) Kwakira neza Indorerezi z'amatora;
7) Gukora raporo y'amatora mu Murenge ashinzwe.

**Ingingo ya 14: Inshingano za Komite iyobora amatora ku Biro by'Itora**
Komite iyobora amatora ku Biro by'Itora ni itsinda ry'Abakorerabushake ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, rigizwe na Perezida w'Ibiro by'itora n'Abahuzabikorwa b'Ibyumba by'itora.

Iyo Komite ishinzwe gukemura buri kibazo cyose cyavuka mu Cyumba cy'itora cyangwa ku Biro by'itora, harimo n'iby'umutekano.

**Ingingo ya 15: Inshingano za Perezida w'Ibiro by'itora**
Perezida w'Ibiro by'itora ashinzwe by'umwihariko ibi bikurikira:

1) Guhuza no kuyobora imirimo y'amatora yose iteganyijwe ku Biro by'itora;
2) Gusimbuza abaseseri batashoboye kuboneka;
3) Kurahiza Abakorerabushake bakorera ku Biro by'itora, mbere y'itora;
4) Kwakira no gukurikirana imikoreshereze y'ibikoresho by'itora ku Biro by'itora;
5) Gutunganya no guharanira isuku ku Biro by'itora bakoreraho;
6) Kuzuza no gusinya ku nyandiko zose zijyanye n'amatora ku Biro by'itora, nk'uko biteganywa n'amategeko n'amabwiriza agenga amatora;
7) Kwakira neza Indorerezi z'amatora n'abahagarariye abakandida no gukorana neza n'abandi bafatanyabikorwa;
8) Kwita ku mutekano w'ibikoresho by'itora n'ahatorerwa, hifashishijwe by'umwihariko inzego zishinzwe umutekano;
9) Guhuriza hamwe ibyavuye mu matora mu byumba by'itora;
10) Gukora no kugeza raporo y'ibyavuye mu matora ku bayobora amatora ku rwego rw'Umurenge.

**Ingingo ya 16: Inshingano z'Umuhuzabikorwa w'Icyumba cy'itora**
Umuhuzabikorwa w'Icyumba cy'itora ashinzwe by'umwihariko ibi bikurikira:

1) Guhuza no kuyobora imirimo y'amatora yose mu Cyumba cy'itora;
2) Kuyobora abaseseri bose bashinzwe amatora mu Cyumba cy'itora;
3) Guharanira isuku mu Cyumba cy'itora;
4) Kwakira no gukurikirana imikoreshereze y'ibikoresho by'itora mu Cyumba cy'itora;
5) Kuyobora no guha ibisobanuro bya ngombwa abaje gutora;
6) Kuzuza no gusinya ku nyandiko zose zijyanye n'amatora mu Cyumba cy'itora nk'uko biteganywa n'amategeko n'amabwiriza agenga amatora, afatanije n'abaseseri;
7) Guharanira ituze ku mirongo y'abaje gutora;
8) Kugenzura ko abaje gutora bujuje ibisabwa n'amategeko n'amabwiriza y'amatora kugira ngo bemererwe gutora;
9) Kwakira neza Indorerezi z'amatora, abahagarariye abakandida n'abandi bafatanyabikorwa;
10) Gufunga no gufungura udusanduka tw'itora afatanyije n'abaseseri b'Icyumba ayobora;
11) Kugeza raporo y'ibyavuye mu matora kuri Perezida w'Ibiro by'itora.

**Ingingo ya 17: Inshingano rusange z'abaseseri mu byumba by'itora**
Buri Cyumba cy'itora kigira abaseseri batatu (3) bafite inshingano muri rusange zikurikira:

1) Kwakira no gukoresha neza ibikoresho by'itora hashingiwe ku mategeko n'amabwiriza agenga amatora;
2) Gutunganya ibyumba by'itora harimo n'ubwihugiko bukoreshwa mu matora;

3) Kwakira neza abaje gutora no kubaha ibisobanuro bya ngombwa, hubahirizwa amategeko n'amabwiriza agenga amatora;
4) Kugenzura ko uje gutora nta kindi Cyumba cy'itora yaba yatoreyemo mbere;
5) Kwakira neza Indorerezi z'amatora, abahagarariye abakandida n'abandi bafatanyabikorwa, hakurikijwe amategeko n'amabwiriza agenga amatora;
6) Kubarura amajwi hakurikijwe amategeko n'amabwiriza agenga amatora;
7) Gutegura no gushyira umukono ku nyandiko zijyanye n'amatora, hashingiwe ku mategeko n'amabwiriza agenga amatora.

**Ingingo ya 18: Inshingano zihariye za buri museseri**
Abaseseri b'itora batatu (3) bashinzwe gutoresha mu byumba by'itora bafite inshingano zitandukanye.

***Umuseseri wa mbere ashinzwe:***

1) kugenzura niba uje gutora yanditse ku ilisiti y'itora;
2) gusuzuma ko icyangombwa kiranga uje gutora n'ibyanditse ku ikarita y'itora bihuye n'ibyanditse ku ilisiti y'itora;
3) kuvivura ku ilisiti y'itora imbere y'izina ry'uwo yemereye gutora;
4) kwandika ku mugereka uwo yemereye gutora atanditse kuri iyo lisiti;
5) gutegura ibiri bwuzuzwe muri raporo ku batoye, hashingiwe ku biteganyijwe mu migereka.

***Umuseseri wa kabiri ashinzwe:***

1) guha urupapuro rw'itora ugiye gutora no kumwereka uko ruzingwa n'aho ubwihugiko buri;
2) kubarura abantu yahaye impapuro;
3) kwereka ubwihugiko ugiye gutora.

***Umuseseri wa gatatu ashinzwe:***

1) kwereka uvuye gutora agasanduku ashyiramo urupapuro;
2) gutera kashe "YATOYE" ku mwanya wabugenewe ku ikarita y'umaze kwinjiza urupapuro yatoreyeho mu gasanduku k'itora;
3) gusiga wino idasibangana ku rutoki rw'agahera rw'umaze gutora.

**Ingingo ya 19: Isimburwa ry'abashinzwe gutoresha ku Biro by'itora**
Iyo Umuhuzabikorwa w'Icyumba cy'itora atabonetse kubera impamvu zitandukanye, Perezida w'Ibiro by'itora amusimbuza umwe mu baseseri. Iyo ari umwe mu baseseri utabonetse asimburwa n'umwe mu ba seseri b'abasimbura. Iyo abasimbura barangiye, Perezida w'Ibiro by'itora n'Umuhuzabikorwa w'Icyumba cy'itora bashyiraho umwe mu baje gutora uzwiho ubunyangamugayo, uzi gusoma no kwandika.

Iyo ari Perezida w'Ibiro by'itora utabonetse, Abahuzabikorwa b'Ibyumba by'itora bitoramo Perezida w'Ibiro by'itora, wemezwa n'Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Umurenge. Iryo simburwa rikorerwa inyandikomvugo.

**Ingingo ya 20: Amahame remezo agenga imyitwarire y'Abakorerabushake b'amatora**
Umukorerabushake w'amatora arangwa n'ibi bikurikira:

1) Kubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga amatora;
2) Gukorera mu mucyo no mu bwisanzure;
3) Kutagira Umutwe wa Politiki, Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki cyangwa Umukandida wigenga abogamiraho mu gihe ari mu mirimo y'amatora;
4) Gukorera ku gihe imirimo y'amatora;
5) Kwigirira icyizere mu mirimo y'amatora;
6) Gukorana neza n'abo bafatanyije mu bikorwa by'amatora;
7) Kugisha inama iyo bibaye ngombwa mw'ifatwa ry'ibyemezo;
8) Kugira ibanga ry'akazi;
9) Kurangwa n'isuku mu mirimo ashinzwe.

**Ingingo ya 21: Ibibujijwe abayobora amatora**
Abayobora amatora babujijwe ibi bikurikira:

1) Kubogama mu mirimo y'amatora;

2) Kwivanga cyangwa kujya mu bikorwa by'abakandida mu gihe bari mu mirimo y'amatora;
3) Gufata ibyemezo mu miyoborere y'amatora atagishije inama inzego zimukuriye mu matora;
4) Kwiyandarika no kwitesha agaciro;
5) Kwangiza ibikoresho by'amatora no gukoresha nabi umutungo wagenewe ibikorwa by'amatora;
6) Kuvutsa utora uburenganzira bwe no guhatira umuntu gutora uko atatekereje;
7) Guhindura ibyavuye mu matora no gutangaza raporo z'impimbano zidahuje n'ukuri;
8) Gukoreshwa no kuyoborwa mu mirimo y'amatora n'abatabifitiye ububasha;
9) Kwakira impano z'abakandida;
10) Gukoresha umwanya w'akazi mu nyungu ze bwite;
11) Guhimana mu kazi no gukorera mu bwiru;
12) Kurema udutsiko tugamije gusenya;
13) Gukora ikindi cyose cyabangamira imigendekere myiza y'amatora.

## UMUTWE WA IV: INSHINGANO N'IMYITWARIRE Y'ABAGIRA URUHARE MU BIKORWA BY'AMATORA

### ICYICIRO CYA MBERE: ABANYAMAKURU

**<u>Ingingo ya 22</u>: Uburenganzira bwo gukurikirana amatora n'ibisabwa**
Abanyamakuru bemerewe gukurikirana ibikorwa cy'amatora. Icyakora kugira ngo umunyamakuru abyemererwe agomba kuba ari umunyamakuru w'umwuga kandi afite ikarita y'akazi cyangwa icyemezo gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha.

**<u>Ingingo ya 23</u>: Imyitwarire igomba kuranga abanyamakuru mu bihe by'amatora**
Umunyamakuru mu bihe by'amatora agomba kurangwa n'imyitwarire ikurikira:

1) Kubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga amatora ndetse n'agenga umwuga wabo;
2) Kwirinda kubogama no kurangwa n'amarangamutima mu mitangarize y'amakuru arebana n'amatora;
3) Kwirinda guhisha no guhishira ibikorwa bishobora kubangamira imigendekere myiza y'amatora igihe abifiteho amakuru;
4) Kwirinda gutangaza amakuru adashingiye ku kuri mu migendekere y'amatora;
5) Gukosora vuba inkuru yatangajwe mu gihe bigaragaye ko itari ishingiye ku ukuri;
6) Kudatangaza ibyavuye mu matora mbere y'uko bitangazwa na Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora;
7) Kwirinda kwivanga mu mirimo y'abayobora amatora.

### ICYICIRO CYA 2: INZEGO ZISHINZWE UMUTEKENO MU BIHE BY'AMATORA

**<u>Ingingo ya 24</u>: Inzego zishinzwe umutekano mu bihe by'amatora**
Abari mu nzego zishinzwe umutekano mu bihe by'amatora barebwa n'aya mabwiriza ni aba bakurikira:

1) Abasilikari;
2) Abapolisi;
3) Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano (NISS);
4) Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza (RIB);
5) Urwego rwunganira Ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga umutekano (DASSO).

**<u>Ingingo ya 25</u>: Inshingano z'abashinzwe umutekano mu bihe by'amatora**
Mu bihe by'amatora, abashinzwe umutekano baba bafite inshingano zikurikira:

1) Kumenya no kubahiriza amategeko n'amabwiriza bigenga amatora;
2) Gucunga umutekano w'abakandida, abatora, abayobora amatora n'abandi bari mu bikorwa by'amatora;

3) Gucunga umutekano ku Biro by'itora n'uw'ibikoresho by'amatora;
4) Kunganira abayobora amatora ku bijyanye n'umutekano igihe cyose biyambajwe;
5) Kugira inama abayobora amatora ku nzego zitandukanye ku bijyanye n'umutekano w'amatora;
6) Gukumira ibikorwa bishobora guhungabanya imigendekere myiza y'amatora;
7) Gukurikirana abakoze ibyaha bihungabanya ibikorwa by'amatora hubahirizwa amategeko.

**Ingingo ya 26: Ibyo abashinzwe umutekano babujijwe mu bihe by'amatora**

Uwo ariwe wese ushinzwe umutekano aba abujijwe ibi bikurikira:

1) Kubogamira ku mukandida uwo ari we wese;
2) Kwivanga mu miyoborere y'amatora;
3) Gushyira iterabwoba ku bayobora amatora, abakandida, indorerezi, abahagarariye abakandida n'abatora;
4) Kwinjira mu cyumba cy'itora mu gihe batagiye gutora cyangwa batabisabwe n'uyobora amatora;
5) Kwinjirana intwaro mu cyumba cy'itora.

**ICYICIRO CYA 3: INDORERERZI Z'AMATORA**

**Ingingo ya 27: Ibisobanuro by'ijambo "indorerezi" y'itora.**

Indorerezi y'itora ni umunyarwanda cyangwa umunyamahanga ukora ku giti cye cyangwa akaba ari intumwa y'Umuryango nyarwanda utari uwa Leta, ihuriro ry'imiryango nyarwanda itari iya Leta, umuryango ushingiye ku idini, urwego rwa Leta rufite mu nshingano zarwo ibifitanye isano n'amatora, Igihugu, umuryango mpuzamahanga cyangwa mvamahanga wemerewe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora gukurikirana ibikorwa by'amatora.

**Ingingo ya 28: Itumirwa n'itangira ry'imirimo y'indorerezi**

Igikorwa cyo gutumira no kwemerera indorerezi z'itora gitangira tariki ya 01/05 kigasozwa tariki ya 01/09/2018. Komisiyo yemerera Indorerezi z'itora ishingiye ku busabe bwazo.

Indorerezi itangira gukurikirana ibikorwa by'amatora ku munsi yemerewe na Komisiyo y`Igihugu y`Amatora, bikarangirana n'umunsi urwego ihagarariye rushyikirije Komisiyo y'Igihugu y'Amatora raporo yayo mu nyandiko.

**Ingingo ya 29: Aho indorerezi z'abenegihugu zishobora guturuka**

Indorerezi z'abenegihugu zishobora kuba abantu ku giti cyabo cyangwa guturuka mu nzego zikurikira:

1) Inzego za Leta zifite mu nshingano zazo ibifitanye isano n'amatora zibisabye;
2) Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda;
3) Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki;
4) Imiryango itari iya Leta ikorera mu Rwanda ku buryo bwemewe n'amategeko kandi ifite mu nshingano zayo ibifitanye isano n'amatora;
5) Imiryango ishingiye ku madini ifite ibyemezo byatanzwe n'inzego zibifitiye ububasha;
6) Inzego z'itangazamakuru n'abanyamakuru bafite ibyangombwa bitangwa n'inzego za Leta zibifitiye ububasha.

**Ingingo ya 30: Aho indorerezi mvamahanga zishobora guturuka**

Indorerezi mvamahanga zishobora kuva aha hakurikira:

1) Imiryango Mpuzamahanga;
2) Ambasade/Konsila zihagarariye Ibihugu byazo mu Rwanda;
3) Imiryango Mpuzamahanga u Rwanda rurimo;
4) Inzego ziyobora amatora zo mu bindi bihugu.

**Ingingo ya 31: Ibigomba kugaragazwa n'abasaba kuba indorerezi**

Urwego rusaba kuba indorerezi rugaragaza ibi bikurikira:

1) Urutonde n'imyirondoro by'abazaruhagararira mu gikorwa cy'indorerezi;
2) Umuvugizi n'umusimbura we kuri urwo rutonde;

3) Intara/Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere buri ndorerezi yifuza gukoreramo;
4) Umwirondoro wa buri ndorerezi.

**<u>Ingingo ya 32</u>: Ibisabwa indorerezi muri rusange**
Indorerezi yose igomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1) Uburambe mu gukurikirana amatora cyangwa ubumenyi mu mitegurire no mu migendekere y'amatora;
2) Ubunyangamugayo;
3) Kutabogama no kuvuga ibintu uko biri;
4) Ubumenyi ku mategeko y'u Rwanda n'agenga amatora by'umwihariko;
5) Ubumenyi mu mahame mpuzamahanga agenga Indorerezi z'amatora;
6) Ubumenyi ku byerekeye umuco, amateka, imiterere n'imitegekere y'u Rwanda.

**<u>Ingingo ya 33</u>: Ibisabwa Indorerezi iturutse mu mahanga by'umwihariko**
Indorerezi mvamahanga zisabwa by'umwihariko:

1) Kugira viza yemewe kandi itarengeje igihe itanzwe n'urwego rubifitiye ububasha;
2) Kubahiriza amabwiriza mpuzamahanga cyangwa se yihariye yerekeranye n'iby'ubuzima cyangwa iby'umutekano ku binjira cyangwa abasohoka mu karere aka n'aka k'Igihugu bakoreramo.

**<u>Ingingo ya 34</u>: Ibyangombwa bihabwa indorerezi y'itora**
Mbere yo gutangira imirimo yayo, indorerezi yahawe uburenganzira bwo gukurikirana amatora ihabwa icyemezo cyanditse n'ikimenyetso cyabugenewe kiyiranga (Badge). Indorerezi igomba kwambara icyo kimenyetso ku buryo bugaragara no kucyerekana mu gihe ikurikirana imirimo y'amatora.

**<u>Ingingo ya 35</u>: Ibigomba kubahirizwa n'indorerezi y'itora**
Indorerezi y'itora igomba kubahiriza ibi bikurikira:

1) gukurikiza ibiteganywa n'amategeko agenga igihugu muri rusange n'amategeko agenga itora by'umwihariko;
2) kwirinda igikorwa cyose cyabangamira imigendekere myiza y'itora;
3) kwirinda kubogama mu bikorwa by'itora;
4) kubaha umuco w'igihugu;
5) kwirinda gutanga amabwiriza ku bayobora itora;
6) gukorera aho bemerewe gukorera mu Gihugu;
7) kubaha abayobora itora mu nzego zose;
8) kwirinda gutangaza ibyavuye mu itora mu gihe urwego rubishinzwe rutarabikora.

By'umwihariko indorerezi y'itora ikora raporo ishingiye ku kuri kw'ibyagaragaye mu itora no kuyigeza kuri Komisiyo mu gihe kitarenze iminsi mirongo itandatu (60) itora rirangiye.

**<u>Ingingo ya 36</u>: Uburenganzira bw'indorerezi y'itora**
Indorerezi y'itora ifite uburenganzira bukurikira:

1) Kumenyeshwa gahunda y'itora;
2) Kumenyeshwa uburyo itora rikorwamo;
3) Kumenyeshwa aho ibikorwa byose by'itora bikorerwa;
4) Koroherezwa kubona inyandiko zirebana n'itora;
5) Kwemererwa kugera aho ibikorwa by'itora bikorerwa uretse mu bwihugiko igihe itora ryatangiye;
6) Kumenyeshwa ibyavuye mu itora mu gihe giteganywa n'amategeko.

**<u>Ingingo ya 37</u>: Gutakaza uburenganzira bwo kuba Indorerezi**
Indorerezi ishobora kwamburwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora uburenganzira bwo gukurikirana amatora iyo itubahirije ibiteganywa n'amategeko n'amabwiriza agenga amatora. Indorerezi yambuwe uburenganzira bwo gukurikirana itora ibimenyeshwa mu nyandiko.

**<u>Ingingo ya 38</u>: Raporo itangwa n'Indorerezi**
Indorerezi y'itora ikora kandi igashyikiriza Komisiyo y'Igihugu y'Amatora raporo ishingiye ku kuri kw'ibyagaragaye mw'itora, mu gihe kitarenze iminsi mirongo itandatu (60) itora rirangiye.

**ICYICIRO CYA 4: ABAHAGARARIYE ABAKANDIDA**

**<u>Ingingo ya 39</u>: Uhagarariye umukandida**
Uhagarariye umukandida ni umunyarwanda wanditse ku ilisiti y'itora wahawe n'umukandida ububasha bwo gukurikirana ibikorwa by'itora mu izina rye.

Umutwe wa Politiki, Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki cyangwa umukandida wigenga bemerewe kugena ubahagararira mu cyumba cy'itora cyangwa ku Biro by'itora wabiherewe icyemezo cyanditse gitangwa n'umuyobozi ufite ububasha mu Mutwe wa Politiki, Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki cyangwa umukandida wigenga, kugira ngo akurikirane imigendekere y'itora uretse ibikorerwa mu bwihugiko.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora igezwaho urutonde rw'abemerewe guhagararira umukandida.

Uhagarariye umukandida ahabwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora uburenganzira bwo gukurikirana amatora, iyo yujuje ibisabwa. Ubwo burenganzira butangwa na Perezida w'Ibiro by'itora ashyira umukono we ku cyemezo cyanditse cyatanzwe n'Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Akarere.

**<u>Ingingo ya 40</u>: Aho abahagarariye abakandida bemerewe gukurikirana ibikorwa by'amatora**
Abahagarariye abakandida babo uko byagenwe mu ngingo ya 43 y'aya Mabwiriza, bemererwa kubahagararira ku rwego rw'Ibiro cyangwa rw'Icyumba cy'itora.

Abahagarariye abakandida ku Biro by'itora bemerewe gukurikirana ibikorwa by'amatora mu byumba by'itora byose bigize Ibiro by'itora bashinzwe n'ababatumye.

Icyakora ntibemerewe kwinjira mu bwihugiko mu masaha yo gutora.

**<u>Ingingo ya 41</u>: Uguhagararirwa k'umukandida mu cyumba cy'itora no ku biro by'itora**
Buri mukandida yemerewe kugira umuntu umuhagararira muri buri cyumba cy'itora cyangwa kuri buri biro by'itora wabiherewe icyemezo cyanditse gitangwa n'umuyobozi ufite ububasha mu mutwe wa politiki, Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki cyangwa umukandida wigenga.

Uhagararira umukandida mu cyumba cy'itora cyangwa ku biro by'itora agomba kwerekana ibi bikurikira:
1) ikarita ndangamuntu;
2) ikarita y'itora;
3) icyemezo cyanditse, gitangwa n'umukandida ahagarariye gikurikije imiterere y'inyandiko igaragara ku **mugereka wa mbere (1)** w'aya Mabwiriza;
4) icyemezo cya Komisiyo kimwemerera gukurikirana ibikorwa by'itora.

Abo umukandida yahaye uburenganzira bwo kumuhagararira mu byumba bigize Biro imwe y'itora bashyirwa ku rutonde rumwe rushyikirizwa Umuhuzabikorwa w'Amatora ku rwego rw'Akarere ari nawe urwemeza, rukaba icyemezo kivugwa mu gace ka 4 k'iyi ngingo.

**<u>Ingingo ya 42</u>: Igihe Umukandida ashyikiririza Komisiyo urutonde rw'abamuhagararira mu itora**
Nyuma y'uko Komisiyo imenyekanisha urutonde rw'Ibiro n'Ibyumba by'itora, umukandida uteganya guhagararirwa ku biro cyangwa mu byumba by'itora ashyikiriza urutonde rw'abazamuhagararira Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Akarere mu minsi itari munsi y'itanu (5) mbere y'itora.

Urwo rutonde rugomba kugaragaza ibi bikurikira:
1) amazina yose y'uzahagararira umukandida,
2) nomero y'ikarita ndangamuntu ye;
3) nomero y'ikarita y'itora;
4) ibiro by'itora cyangwa icyumba cy'itora buri muntu azahagarariramo umukandida.

Urutonde rw'abahagararira abakandida bemerewe na Komisiyo ku rwego rw'Akarere rushyikirizwa uyobora amatora ku rwego rwa Biro y'itora nibura umunsi umwe (1) mbere y'umunsi w'itora.

**<u>Ingingo ya 43</u>: Ibyo uhagarariye umukandida afitiye uburenganzira bwo gukurikirana mu gihe cy'itora**
Uhagarariye umukandida afite uburenganzira bwo gukurikirana ibikorwa bitandukanye by'itora uretse ibikorerwa mu bwihugiko.

Ibyo yagenzuye byose bigomba kwandikwa mu nyandikomvugo yashyizeho umukono ishyikirizwa umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora.

Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora agomba kwandikisha mu nyandikomvugo ibyagenzuwe byose yagejejweho hakurikijwe ibiteganywa mu gika cya mbere (1) cy'iyi ngingo.

**<u>Ingingo ya 44</u>: Ibibujijwe uhagarariye umukandida**
Ntawemerewe guhagararira abakandida barenze umwe. Ntawemerewe kandi guhagararira umukandida mu byumba by'itora birenze kimwe, keretse iyo amuhagarariye ku rwego rw'Ibiro by'itora.

Uhagarariye umukandida asabwa kubahiriza ibindi byose ibiteganywa mu ngingo ya 35 y'aya Mabwiriza.

## UMUTWE WA V: GUTANGA KANDIDATIRE

### *ICYICIRO CYA MBERE: INGINGO RUSANGE*

**<u>Ingingo ya 45</u>: Igihe cyo kwakira kandidatire**
Komisiyo y'Igihugu y'Amatora izakira kandidatire ku myanya y'Ubudepite kuva taliki ya **12 kugeza tariki ya 25 Nyakanga 2018**. Kandidatire zakirirwa ku cyicaro gikuru cya Komisiyo ku minsi y'akazi, kuva saa moya za mu gitondo (7:00 am), kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba (5:00 pm).

**<u>Ingingo ya 46</u>: Igihe abakandida bigenga basinyishiriza ababashyigikiye n'aho bikorerwa**
Gusinyisha abashyigikiye umukandida wigenga bitangira iminsi mirongo itatu (30) mbere y'umunsi wo gutangira kwakira kandidatire, kandi bigakorwa ku nyandiko igenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Umukandida wigenga asinyishiriza abamushyigikiye aho yifuza mu Karere, yamenyesheje ubuyobozi bwako mu nyandiko, akagenera kopi Umuhuzabikorwa w'Amatora ku rwego rwa Zone y'amatora Akarere gaherereyemo.

Umukandida asinyisha ubwe abamushyigikiye cyangwa akifashisha abandi yihitiyemo ariko bemerewe gutora. Urutonde rw'abamufasha muri icyo gikorwa rushyikirizwa Akarere, kopi ikagenerwa Umuhuzabikorwa w'amatora muri Zone ako Karere karimo, mbere yo gutangira gusinyisha abamushyigikiye.

**<u>Ingingo ya 47</u>: Ibisabwa kugira ngo umuntu atorerwe umurimo w'Ubudepite.**
Ushobora gutorerwa umwanya w'Ubudepite ni Umunyarwanda wese:

1) wujuje nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;
2) w'inyangamugayo;
3) utazitiwe n'imwe mu nzitizi ziteganywa mu ngingo ya 5 y'aya Mabwiriza.

**Inyangamugayo ni** Umunyarwanda wese:
1) w'indakemwa mu myifatire no mu mibanire ye n'abandi;
2) utarahamwe n'icyaha cya jenoside cyangwa icy'ingengabitekerezo yayo;
3) utarahamwe n'icyaha cy'ivangura n'icy'amacakubiri;
4) utarakatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6);
5) wahanaguweho ubusembwa mu gihe yaba yarakatiwe igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6);
6) utarirukanwe burundu mu bakozi ba Leta;
7) utarahamwe n'icyaha cya ruswa, icyaha cyangwa ibyaha bifitanye isano na cyo cyangwa icyaha cy'inyereza ry'umutungo rusange;

**Ingingo ya 48: Ikimenyetso kiranga umukandida ku rupapuro rw'itora**
Umutwe wa Politiki, Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki, cyangwa Umukandida wigenga bashyikiriza Komisiyo ikimenyetso kibaranga ku rupapuro rw'itora.

Ariko umukandida ntashobora gukoresha ikimenyetso cyatoranyijwe n'undi mukandida cyangwa cyakurura amacakubiri, cyatera urujijo, icyakoreshejwe n'undi mukandida mu yandi matora cyangwa kigizwe n'urwunge rw'amabara agize Ibendera ry'Igihugu.

Iyo hari abakandida benshi, Imitwe ya Politiki cyangwa Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki bahisemo inyuguti cyangwa ikimenyetso kimwe, Komisiyo ifata icyemezo ntakuka ko gikoreshwa n'Umutwe wa Politiki, Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki cyangwa Umukandida wigenga watanze kandidatire mbere.

**Ingingo ya 49: Uburyo kandidatire zitangwa**
Umuntu ushaka kwiyamamariza umwanya w'Ubudepite atanga kandidatire ku giti cye ku mwanya umwe gusa. Nta wemerewe gutanga icyarimwe kandidatire ye mu cyiciro cy'amatora ataziguye n'amatora aziguye. Nk'uko adashobora gutanga kandidatire icyarimwe mu itora ry'Abadepite b'Abagore, ab'Urubyiruko no mu itora ry'umudepite ufite ubumuga.

**Ingingo ya 50: Igihe kigenerwa umukandida ngo yuzuze dosiye**
Umukandida wigenga cyangwa uwatanzwe n'Umutwe wa Politiki utujuje ibiteganywa n'amategeko arabimenyeshwa, agahabwa umwanya wo kubyuzuza. Nyuma yo gutangaza ilisiti y'agateganyo y'abakandida, utemejwe amenyeshwa mu nyandiko ibibura muri dosiye ye agahabwa iminsi itanu (5) y'akazi yo kuzuza dosiye mbere yo gutangaza ilisiti ntakuka.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yemeza kandi igatangaza ilisiti ntakuka y'abakandida hasigaye nibura iminsi irindwi (7) mbere y'uko kwiyamamaza bitangira.

**Ingingo ya 51: Gukuramo kandidatire**
Umukandida afite uburenganzira bwo gukuramo kandidatire ye mbere y'uko itora ritangira. Gukuramo kandidatire bikorwa mu nyandiko yandikirwa Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora nibura mbere y'amasaha makumyabiri n'ane (24) ngo itora ritangire.

Umukandida ukuyemo kandidatire ye nyuma y'uko ilisiti y'abakandida yabaye ntakuka, ntavanwa ku rupapuro rw'itora kandi ntibibuza urupapuro rw'itora gukomeza kugira agaciro. Icyakora Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ibimenyesha abatora ikoresheje itangazo rimanitse kuri buri cyumba cy'itora n'ubundi buryo bwose bwashoboka.

Ijwi ryahawe umukandida wakuyemo kandidatire ye rifatwa nk'impfabusa.

**Ingingo ya 52: Gutangaza kandidatire zemewe**
Gutangaza abakandida bemejwe mu buryo bw'agateganyo cyangwa bwa burundu bikorwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ikoresheje itangazamakuru n'ubundi buryo bw'itumanaho bushoboka. Abakandida bemejwe by'agateganyo bazatangazwa tariki ya 30 Nyakanga naho abemejwe burundu batangazwe ku itariki ya 06 Kanama 2018.

## ICYICIRO CYA 2: GUTANGA KANDIDATIRE Y'ABADEPITE BATORWA MU BURYO BUTAZIGUYE

**Ingingo ya 53: Itangwa rya lisiti y'abakandida b'Imitwe ya Politiki**
Buri mutwe wa politiki cyangwa Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki bigomba gutanga ilisiti ntakuka y'abakandida batarenze mirongo inani (80) kuva ku itariki ya 12 kugeza ku ya 25 Nyakanga 2018 mu minsi n'amasaha y'akazi.

Uhagarariye Umutwe wa Politiki cyangwa Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki ashyikiriza Komisiyo, ku cyicaro cyayo, ilisiti y'abakandida n'amadosiye yabo hamwe n'icyemezo cy'ububasha yahawe.

Ibyo kandi bishobora gukorwa n'undi wabiherewe ububasha n'uhagarariye Umutwe wa Politiki cyangwa ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki mu gihe atabonetse.

Ilisiti y'abakandida b'Imitwe ya Politiki cyangwa ab'Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki igomba guherekezwa n'inyandikomvugo iriho amazina n'imikono by'abagize urwego rukuru rw'Umutwe wa

Politiki cyangwa ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki bemeje iyo lisiti mu buryo bukurikije amategeko.

Komisiyo itanga icyemezo cy'iyakira. Icyakora, guhabwa icyo cyemezo ntibivuga ko kandidatire zatanzwe zemejwe.

Icyo cyemezo kigomba gushyirwaho umukono n'utanze kandidatire ndetse n'uyakiriye. Kigomba kandi gushyirwaho itariki n'isaha kandidatire yakiriweho.

**Ingingo ya 54: Ibigomba kugaragara muri dosiye z'abakandida b'Imitwe ya Politiki**

Ilisiti y'abakandida b'Imitwe ya Politiki cyangwa Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki igomba guherekezwa n'ibi bikurikira kuri buri mukandida:

1) amazina ye yose ahwanye n'ari mu ikarita ndangamuntu ye;
2) umwirondoro utaburamo umurimo akora, aho yavukiye n'itariki y'amavuko n'aho atuye;
3) icyemezo cy'amavuko gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha;
4) icyemezo kigaragaza ko umuntu **atafunzwe cyangwa yafunzwe n'icyo yafungiwe,** kitarengeje amezi atatu (3) gitangwa n'urwego **rw'Igihugu** rubifitiye ububasha;
5) amafoto abiri (2) magufi y'amabara;
6) fotokopi y'ikarita ndangamuntu;
7) fotokopi y'ikarita ye y'itora;
8) ikimenyetso cy'Umutwe wa Politiki cyangwa icy'Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki gishyirwa ku rupapuro rw'itora.

**Ingingo ya 55: Ibisabwa umukandida wigenga**

Kandidatire y'umukandida wigenga itangwa n'umuntu ku giti cye ku cyicaro gikuru cya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, igafatwa nk'ilisiti ntakuka y'umuntu ku giti cye.

Icyakora, kugira ngo dosiye y'umukandida isuzumwe kandi yakirwe, buri mukandida, wiyamamaza ku giti cye mu cyiciro cy'abadepite batorwa mu buryo butaziguye agomba kugaragaza umwirondoro ugizwe n'ibi bikurikira:

1) amazina ye yose ahwanye n'ari mu ikarita ndangamuntu ye;
2) umwirondoro we ugaragaza umurimo akora, aho yavukiye n'itariki y'amavuko, n'aho atuye;
3) icyemezo cye cy'amavuko gitangwa n'urwego rw'Igihugu rubifitiye ububasha;
4) icyemezo kigaragaza ko umuntu atafunzwe cyangwa yafunzwe n'icyo yafungiwe, kitarengeje amezi atatu (3) gitangwa n'urwego rw'Igihugu rubifitiye ububasha
5) amafoto ye abiri (2) y'amabara;
6) fotokopi y'ikarita ndangamuntu ye;
7) fotokopi y'ikarita y'itora ye.

Umwirondoro w'umukandida wigenga ugomba guherekezwa kandi n'ibi bikurikira:

1) ilisiti y'abemerewe gutora ishyigikira kandidatire ye kandi iriho abemerewe gutora nibura magana atandatu (600) biyandikishije ku ilisiti y'itora, igaragaza nibura abantu cumi na babiri (12) muri buri Karere bari ku ilisiti y'itora y'Akarere bafatiyemo ikarita ndangamuntu;
2) ikimenyetso kimuranga gishyirwa ku rupapuro rw'itora;
3) icyemezo yasinye gihamya ko inyandiko yasabwe kandi yatanze muri dosiye ye zihuje n'ukuri.

**Ingingo ya 56: Ibigomba kugaragara ku rutonde rw'abashyigikiye umukandida wigenga**

Urutonde rw'abantu bashyigikiye umukandida wigenga rugomba kugaragaza ibi bikurikira:

1) amazina ya buri muntu washyize umukono cyangwa igikumwe ku ilisiti;
2) inimero y'ikarita ndangamuntu ye n'aho yayifatiye;
3) inimero y'ikarita ye y'itora n'aho yayifatiye;
4) aho atuye;
5) umukono cyangwa igikumwe bya buri muntu washyigikiye umukandida;
6) inyandiko ihamya ko ibyo yasabwe kandi yatanze muri dosiye ye ari ukuri.

Abantu bashyigikiye kandidatire y'umukandida wigenga bagomba kuba banditse ku ilisiti y'itora. Abatari ku ilisiti y'itora ntibemerewe gusinyira umukandida ngo bamushyigikire.

Gushaka abashyigikiye umukandida bikorwa n'umukandida ku giti cye, cyangwa uwo yabihereye uburenganzira mu nyandiko.

## ICYICIRO CYA 3: GUTANGA KANDIDATIRE MU ITORA RY'ABADEPITE BATORWA MU BURYO BUZIGUYE

**<u>Ingingo ya 57</u>: Urwego rushyikirizwa kandidatire n'icyemezo gihabwa utanze kandidatire**
Gutanga kandidatire bikorwa n'umukandida ubwe ku cyicaro cya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora**.** Bizakorwa kuva tariki ya 12 kugeza ku ya 25 Nyakanga 2018. Utanze kandidatire ahabwa icyemezo cy'iyakira kigaragaza ibyangombwa ayishyikirije, umunsi n'isaha byakiriwe. Icyo cyemezo gishyirwaho umukono w'uwakiriye kandidatire ndetse n'uw'uyitanze.

Guhabwa icyi cyemezo ntibisobanuye ko kandidatire yemejwe.

**<u>Ingingo ya 58</u>: Ibisabwa abakandida mu myanya y'Abadepite batorwa mu buryo buziguye**
Dosiye y'umukandida wese ushaka gutanga kandidatire mu byiciro biteganywa mu ngingo ya 59, iya 60 n'iya 61 z'aya Mabwiriza igomba kuba irimo ibi bikurikira:

1) amazina yose ahwanye n'ari ku ikarita ndangamuntu ye;
2) umwirondoro utaburamo umurimo akora, aho yavukiye n'itariki y'amavuko n'aho atuye;
3) icyemezo cye cy'amavuko kitarengeje amezi atatu (3) gitangwa n'urwego rw'Igihugu rubifitiye ububasha;
4) amafoto ye abiri (2) magufi y'amabara;
5) fotokopi y'ikarita ndangamuntu ye;
6) fotokopi y'ikarita ye y'itora;
7) icyemezo kigaragaza ko umuntu atafunzwe cyangwa yafunzwe n'icyo yafungiwe, kitarengeje amezi atatu (3) gitangwa n'urwego rw'Igihugu rubifitiye ububasha;
8) Inyandiko ye ihamya ko ibyo yasabwe kandi yatanze muri dosiye ari ukuri.

**<u>Ingingo ya 59</u>: Itangwa rya kandidatire ku myanya y'Abadepite b'abagore**
Umugore wese ushaka kwiyamamariza umwanya w'Ubudepite mu yagenewe abagore atanga kandidatire ku giti cye. Agaragaza kandi ifasi y'itora ashaka kwiyamamarizamo, ari nayo azatorerwamo.

**<u>Ingingo ya 60</u>: Itangwa rya kandidatire ku myanya y'Abadepite b'Urubyiruko**
Umuntu wese ufite hagati y'imyaka makumyabiri n'umwe **(**21**)** na mirongo itatu **(**30**)** y'amavuko ushaka kwiyamamariza umwanya w'Ubudepite mu myanya yagenewe Urubyiruko, atanga kandidatire ku giti cye.

**<u>Ingingo ya 61</u>: Itangwa rya kandidatire ku mwanya w'Umudepite ufite ubumuga**
Umuntu wese ufite ubumuga ushaka kwiyamamariza umwanya w'Ubudepite ku mwanya wagenewe abantu bafite ubumuga atanga kandidatire ku giti cye.

Ufite ubumuga bwo mu mutwe ntiyemerewe gutanga kandidatire.

Usibye ibiteganywa n'ingingo ya 58 y'aya Mabwiriza, umukandida ufite ubumuga agomba gutanga icyemezo ahabwa na muganga wemewe na Leta kandi ubifitiye ubumenyi kigaragaza ubumuga afite.

## UMUTWE WA VI: KWIYAMAMAZA

**<u>Ingingo ya 62</u>: Ifasi yo kwiyamamarizamo**

1) Ifasi yo kwiyamamarizamo ku bakandida depite bazatorwa mu buryo butaziguye ku wa 03 Nzeri 2018 ni mu Rwanda hose no mu ifasi ya za Ambasade cyangwa Konsila z'u Rwanda;
2) Ifasi yo kwiyamamarizamo ku bakandida depite b'abagore bazatorwa ku wa 04 Nzeri 2018 ni Intara cyangwa Umujyi wa Kigali batanzemo kandidatire.
3) Ifasi yo kwiyamamarizamo ku bakandida depite bazatorwa mu Rubyiruko ku wa 04 Nzeri 2018 ni Igihugu cyose.
4) Ifasi yo kwiyamamarizamo ku bakandida depite bazatorwa mu bantu bafite ubumuga kuwa 02 Nzeri 2018 ni Igihugu cyose.

Icyakora, kwiyamamaza no kwamamazwa bishobora gukorerwa aho ariho hose ku bifashisha ikorabuhanga.

**Ingingo ya 63: Igihe cyo kwiyamamaza**

Kwiyamamaza kw'Abakandida batangwa n'imitwe ya politiki cyangwa biyamamaza ku giti cyabo bizatangira ku wa mbere tariki ya 13 Kanama 2018 saa kumi n'ebyiri za mugitondo (6:00 am) bikazarangira ku wa gatandatu tariki ya 01 Nzeri 2018 mu mahanga saa kumi n'ebyiri za mu gitondo (6:00 am), mu Rwanda bikazarangira ku cyumweru tariki ya 02 Nzeri 2018, saa kumi n'ebyiri za mu gitondo (6:00 am).

Birabujijwe kwiyamamaza mu gihe kitagenwe n'amategeko.

**Ingingo ya 64: Uburyo bwemewe gukoreshwa mu gihe cyo kwiyamamaza**

Mu gihe cyo kwiyamamaza, umukandida ashobora gukoresha amatangazo amanitse, ibitambaro byanditseho, gutanga amabaruwa cyangwa inyandiko zigenewe abantu benshi, iteraniro, inama mbwirwaruhame cyangwa ikiganiro, itangazamakuru rikoresha inyandiko, amajwi cyangwa amajwi n'amashusho, ikoranabuhanga mu itumanaho, ihererekanyamakuru n'ubundi buryo bwose butanyuranyije n'amategeko.

Ku birebana no kwiyamamaza hakoreshejwe itangazamakuru, Komisiyo ikora ku buryo Abakandida ku giti cyabo, Imitwe ya Politiki n'Amashyirahamwe y'Imitwe ya Politiki biri mu ihiganwa bihabwa uburenganzira bungana bwo gukoresha itangazamakuru rya Leta.

**Ingingo ya 65: Uburyo umukandida wifuza kwiyamamaza mu bitangazamakuru bya Leta abisaba**

Umukandida wifuza kwiyamamaza mu gitangazamakuru cya Leta abisaba icyo gitangazamakuru mu nyandiko itangirwa icyemezo cy'iyakira kiriho umunsi n'isaha, hasigaye nibura iminsi itanu (5) y'akazi ngo umukandida yiyamamaze akagenera kopi Komisiyo y'Igihugu y'Amatora. Muri iyo nyandiko Umukandida agaragaza itariki n'amasaha yifuza kuziyamamazaho niba ari kuri radiyo cyangwa televiziyo by'Igihugu.

Ubuyobozi w'igitangazamakuru busubiza mu nyandiko umukandida bumugaragariza itariki n'igihe yemerewe kwiyamamarizaho, bugaha kopi Komisiyo. Inyandiko isubiza umukandida igomba gutangwa nibura hasigaye iminsi ibiri (2) mbere y'uko igikorwa cyo kwiyamamaza gitangira. Umukandida ashyira umukono kuri iyo nyandiko yemeza ko yayakiriye. Mu gihe igitangazamakuru kitubahirije gahunda yahawe umukandida bidaturutse ku mukandida ubwe, ubuyobozi bw'igitangazamakuru bumugenera undi mwanya.

**Ingingo ya 66: Aho Abakandida bamanika amafoto n'inyandiko zibamamaza**

Abakandida bemerewe kumanika amafoto yabo n'inyandiko bibamamaza aho ariho hose. Icyakora, kumanika ibyamamaza ku nyubako za Leta bisabirwa uburenganzira Ubuyobozi bw'Akarere cyangwa ubw'Umurenge. Ibyamamaza bishobora kandi kumanikwa ku nyubako no ku binyabizaga igihe byumvikanyweho na ba nyirabyo.

Birabujijwe kumanika ibyamamaza umukandida ku mavuriro, ku mashuri, ku nsengero, no ku nkingi z'amashanyarazi.

**Ingingo ya 67: Kumenyekanisha ahazakorerwa igikorwa cyo kwiyamamaza**

Ku bijyanye n'inama mbwirwaruhame cyangwa iteraniro, umukandida cyangwa uhagarariye umukandida amenyesha mu nyandiko Umuyobozi w'Akarere kaberamo igikorwa cyo kwiyamamaza, ahantu n'igihe kizakorerwa, hasigaye nibura amasaha makumyabiri n'ane (24) kugira ngo icyo gikorwa gitangire. Kopi y'inyandiko imenyesha igikorwa cyo kwiyamamaza igenerwa Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Akarere. Iyo nyandiko itangwa mu masaha y'akazi kandi itangirwa icyemezo cy'iyakira.

**Ingingo ya 68: Uburyo bwo gukemura impaka iyo habayeho kugongana kw'ibikorwa byo kwiyamamaza**

Mu itora ritaziguye, nta bikorwa byo kwiyamamaza birenga kimwe bishobora kubera icyarimwe mu Kagari kamwe ko mu Murenge ugize Umujyi wa Kigali. Nta bikorwa byo kwiyamamaza birenga kimwe bishobora kubera icyarimwe mu Murenge umwe wo mu Karere ko mu Ntara.

Iyo hamenyekanishijwe ibikorwa byo kwiyamamaza bibiri cyangwa birenze, uwamenyekanishije mbere ni we wemererwa. Ariko iyo uwamenyesheje mbere yari yarakoresheje ikindi gikorwa cyo kwiyamamaza cyangwa kwamamaza, kimwe cyangwa byinshi ahasabwa, uwemererwa ni uwahakoresheje ibikorwa bike.

**<u>Ingingo ya 69</u>: Icyemezo gihabwa uwamamaza umukandida**

Igikorwa cyo kwamamaza umukandida mu ruhame kigomba kuba giherekejwe n'icyemezo gitangwa n'abahagarariye inzego zemewe z'Umutwe wa Politiki akomokamo cyangwa gitangwa n'umukandida wigenga. Icyo cyemezo kigaragaza ko byamenyeshejwe Ubuyobozi bw'Akarere bw'aho kwamamaza bikorerwa.

**<u>Ingingo ya 70</u>: Ibikorwa bibujijwe mu gihe cyo kwiyamamaza cyangwa kwamamaza umukandida**

Birabujijwe mu gihe cyo kwiyamamaza cyangwa kwamamaza:

1) gukoresha umutungo wa Leta aho waba uri hose, mu buryo bunyuranyije n'amategeko;
2) gutuka cyangwa gusebya undi mukandida, mu buryo ubwo ari bwo bwose;
3) gutanga impano, ruswa cyangwa kwakira ruswa;
4) gushingira ku bwoko, ku isano-muzi, ku karere, ku idini no ku bundi buryo bwose bushingiye ku ivangura n'amacakubiri;
5) gukora cyangwa kuvuga icyahungabanya amahoro, ubumwe n'umutekano rusange by'Abanyarwanda;
6) kwiyamamaza mu gihe kitagenwe n'amategeko n'amabwiriza agenga amatora;
7) guca, kwangiza, gusibanganya ifoto y'undi mukandida n'ikindi cyose kimwamamaza;
8) kwiyamamariza ahantu hatamenyeshejwe ubuyobozi nk'uko biteganywa n'amategeko n'amabwiriza;
9) guhamagarira abaturage gukora igikorwa icyo ari cyo cyose n'imyifatire yose byatuma amatora atagenda neza.

**<u>Ingingo ya 71</u>: Kwiyamamaza hakoreshejwe ikoranabuhanga**

Kwiyamamaza no kwamamaza hakoreshejwe ikorabuhanga biremewe. Icyakora, birabujijwe kwiyamamaza cyangwa kwamamaza hakoreshejwe imbugankoranya-mbaga za Leta n'iz'ibindi bigo bigamije inyungu rusange.

**<u>Ingingo ya 72</u>: Kumanika ibyamamaza abakandida kuri Ambasade**

Muri buri Ambasade hagenwa umwanya wo kumanikaho ibyamamaza abakandida. Uwo mwanya utangwa ku buryo bungana. Umukandida ubyifuza cyangwa uwo yabihereye uruhushya mu nyandiko nibo bashyikiriza Ambasade ibyo bifuza kumanika.

**<u>Ingingo ya 73</u>: Igihe cyo kwiyamamaza kigenerwa abakandida batorwa mu buryo buziguye**

Mu gihe cyo kwiyamamaza imbere y'inteko itora, abakandida batorwa mu buryo buziguye bagenerwa igihe kingana kandi kitarenze iminota icumi (10) kugira ngo bageze gahunda zabo ku nteko itora.

**<u>Ingingo ya 74</u>: Gahunda yo kwiyamamaza kw'Abakandida batorwa mu buryo buziguye**

Mu kwiyamamaza kw'abakandida b'abagore batorwa mu buryo buziguye, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora igena gahunda yo kwiyamamariza ahantu nibura habiri (2) muri buri Karere.

Komisiyo imenyesha Abakandida n'inteko ibatora gahunda yo kwiyamamaza, hasigaye nibura iminsi itanu (5) mbere yo gutangira kwiyamamaza.

Abakandida ku myanya y'Abadepite batorwa mu Rubyiruko no mu bafite Ubumuga biyamariza imbere y'abagize inteko ibatora nibura ahantu hamwe (1) ku rwego rw'Intara/Umujyi wa Kigali, ahagenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Icyakora, buri Mukandida afite uburenganzira bwo gutegura gahunda ye yihariye yo kwiyamamaza imbere y'Abagize inteko itora, akayimenyesha mu nyandiko ubuyobozi bw'Akarere bw'aho yifuza kwiyamamariza hasigaye nibura amasaha makumyabiri n'ane (24) kugira ngo yiyamamaze.

Umukandida wateguye gahunda ye yihariye agenera kopi Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Akarere k'aho ashaka kwiyamamariza kugira ngo ashobore gukurikirana icyo gikorwa cyo kwiyamamaza.

Mu rwego rwo kugira ngo amatora aziguye arusheho kugenda neza, Komisiyo ishobora korohereza abagize inteko zitora kugera ahiyamamarizwa n'aho amatora abera.

**Ingingo ya 75: Ibyemezo bifatirwa umukandida wiyamamaza ku giti cye utubahiriza amategeko mu gikorwa cyo kwiyamamaza**

Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, umukandida wiyamamaza ku giti cye ugaragaweho kwica amategeko n'amabwiriza mu kwiyamamaza atumizwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora kugira ngo yihanangirizwe bwa mbere ku mugaragaro mu magambo.

Iyo nyuma yo kwihanangirizwa umukandida atikosoye, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora imwandikira imwihanangiriza bwa nyuma.

Iyo akomeje kutubahiriza ibiteganywa n'amategeko n'amabwiriza, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora imwandikira imumenyesha ko kandidatire ye yavanywe mu bakandida bemerewe kwiyamamaza mu gihe kitarenze amasaha cumi n'abiri (12), nyuma yo kugaragarizwa mu nyandiko ikosa yakoze, ikamumenyesha ingingo z'amategeko zitubahirijwe.

**Ingingo ya 76: Ibyemezo bifatirwa Umutwe wa Politiki utubahiriza amategeko mu gikorwa cyo kwiyamamaza**

Iyo umukandida uri ku ilisiti yatanzwe n'Umutwe wa Politiki cyangwa Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki agaragayeho kwica amategeko cyangwa amabwiriza mu gihe cyo kwiyamamaza, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ihamagaza ikanihanangiriza uwo mutwe wa Politiki cyangwa Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki mu magambo ku mugaragaro.

Iyo umukandida wagaragaweho kwica amategeko cyangwa amabwiriza mu kwiyamamaza atikosoye, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yandikira Umutwe wa Politiki cyangwa Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki abarizwamo ibihanangiriza bwa nyuma.

Iyo uko kwica amategeko bikomeje, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora isaba Umutwe wa Politiki cyangwa Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki kuvana ku ilisiti yawo uwo mukandida mu gihe kitarenze amasaha cumi n'abiri (12) nyuma yo kugaragarizwa mu nyandiko irindi kosa yakoze.

Iyo Umutwe wa Politiki cyangwa Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki ritabikoze, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ifata icyemezo cyo kumuvana ku ilisiti y'Abakandida mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) abarwa kuva Umutwe wa Politiki cyangwa Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki bisabwe kumuvana ku ilisiti, bikamenyeshwa umutwe wa Politiki bireba, Ihuriro nyunguranabitekerezo ry'imitwe ya Politiki, Sena n'Urukiko rw'Ikirenga.

Uwavanywe ku ilisiti y'abakandida afite uburenganzira bwo kuregera icyemezo cya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu rukiko rubifitiye ububasha mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24) nyuma yo kuvanwa ku ilisiti y'abakandida. Icyakora, ntibibuza igikorwa cy'amatora gukomeza.

Umutwe wa Politiki cyangwa Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki byagaragayeho kutubahiriza amategeko n'amabwiriza mu gihe cyo kwiyamamaza ukurikiranwa hakurikijwe amategeko abigenga.

**Ingingo ya 77: Ibyerekeye gukemura ibibazo bivuka mu kwiyamamaza**

Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko, iyo havutse ibibazo mu gihe cyo kwiyamamaza, Abakandida bashobora kwiyambaza urwego rwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora rwagenewe kopi mu gihe cyo kumenyesha igikorwa cyo kwiyamamaza cyangwa kwamamaza. Iyo ibibazo bidakemutse mu nzego za Komisiyo, haregerwa inzego z'ubutabera zibifitiye ububasha.

## UMUTWE WA VII: IBIREBANA N'ITORA NYIRIZINA

## ICYICIRO CYA MBERE: INGINGO RUSANGE

**<u>Ingingo ya 78</u>: Ahatorerwa**

Ibiro by'itora bigomba gushyirwa mu nyubako za Leta cyangwa zikorerwamo imirimo ya Leta cyangwa ahandi hagenwa na Komisiyo.

Hanze y'Igihugu, mu itora ry'abagize Inteko Ishinga Amategeko batorwa ku buryo butaziguye, ibiro by'itora bishyirwa ahantu hose hari Ambasade y'u Rwanda. Ambasaderi ashobora gushyira ibiro by'itora ahandi hantu mu ifasi y'Ambasade amaze kubihererwa uruhushya na Komisiyo.

Komisiyo igena ahashyirwa Ibiro by'itora, umubare wabyo, Ibyumba bigize buri biro by'itora n'imiterere yabyo, ikahamenyekanisha hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo itora rikorwe.

**<u>Ingingo ya 79</u>: Umubare w'Ibiro n'Ibyumba by'itora**

Umubare w'Ibiro by'itora ugenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, ishingiye ku mubare n'imiterere by'Utugari tugize Igihugu. Naho umubare w'Ibyumba by'itora ugenwa hashingiwe ku Midugudu igize Akagari kandi hitawe no ku mubare w'abaturage biyandikishije ku ilisiti y'itora muri buri Mudugudu.

**<u>Ingingo ya 80</u>: Itegurwa ry'ahatorerwa**

Abashinzwe gutoresha bagomba gutegura Ibiro n'ibyumba by'itora nibura umunsi umwe (1) mbere y'itora, babifashijwemo n'Ubuyobozi bw'Inzego z'Ibanze n'abandi bafatanyabikorwa, kugira ngo ku munsi w'itora ahatorerwa hazabe hisanzuye kandi hakeye. Abashinzwe gutoresha bagomba kandi kubaka ubwihugiko nibura bubiri (2) muri buri Cyumba cy'itora.

Ibiro by'itora bigomba kugira ibibiranga bigenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

**<u>Ingingo ya 81</u>: Isaha abayobora amatora bagerera ku biro by'itora**

Ku munsi w'itora, abayobora amatora bagera ku Biro by'itora isaha imwe (1) mbere y'isaha yo gutangiza itora.

**<u>Ingingo ya 82</u>: Ibyingenzi bikorwa mbere yo gutangira gutora**

Mbere yo gutangira gutora, ibikorwa bikurikirana ku buryo bukurikira:

1) Kurahira;
2) Kureba ko ibikoresho byose by'amatora biteganywa n'ingingo ya mirongo icyenda (83) y'ay'Amabwiriza bihari;
3) Gusobanurira abaturage bahari uko amatora ari bugende;
4) Gufungura agasanduku k'itora no kwereka abaturage ko ntakirimo;
5) Gufunga agasanduku k'itora;
6) Kubarura impapuro z'itora ziri mu cyumba cy'itora;
7) Kugenzura ko ibikoresho byose by'itora biri mu mwanya wabyo;
8) Kugenzura imyanya y'abemerewe kuba mu cyumba cy'itora;
9) Kugena imyanya y'abemerewe kwicara mu cyumba cy'itora;
10) Kugenzura ko ubwihugiko bw'itora buteguye neza;
11) Kuzuza inyandikomvugo itangiza itora.

**<u>Ingingo ya 83</u>: Ibikoresho bikenerwa mu cyumba cy'itora**

Mu buri Cyumba cy'itora hagomba kuba harimo:

1) Agasanduku k'itora n'imigozi y'ako;
2) Ilisiti y'itora;
3) Impapuro z'itora zitari hasi y'umubare w'abari ku ilisiti y'itora;
4) Wino zose zikoreshwa mu Cyumba cy'itora;
5) "Tampon";
6) Kashe "YATOYE";
7) Impapuro zibarurirwaho amajwi;
8) Itara rishobora gukoreshwa igihe bibaye ngombwa;
9) Amabahasha ya ngombwa;

10) Imigereka yateganyijwe igomba kuzuzwa;
11) Marikeri;
12) Imakasi;
13) “Scotch”;
14) “Agrafeuse”.

Abashinzwe gutoresha, bakimara kwakira ibikoresho by’itora, bagomba gusuzuma niba ibikoresho byose bihari, bimeze neza, kandi ku mubare wa ngombwa w’ibikenewe muri buri Cyumba.

**<u>Ingingo ya 84</u>: Igihe cyo gutangira no gusoza itora**

Amatora ataziguye atangira saa moya za mu gitondo (07:00 am) agasozwa saa cyenda z’igicamunsi (03:00 pm).

Amatora aziguye atangira saa yine za mu gitondo (10:00 am) iyo nibura kimwe cya kabiri (1/2) cy’abagize inteko ku rwego rw’ifasi y’itora bahageze rigasozwa isaa cyenda z’igicamunsi (03:00 pm). K’Urubyiruko n’Abafite ubumuga, ifasi y’itora ni Igihugu cyose naho ku bagore ifasi y’itora ni Intara n’Umujyi wa Kigali.

Umubare mbumbe w’abatora bageze ahatorerwa ugirwa n’igiteranyo cy’imibare y’abagize inteko itora bageze ahatorerwa yohererezwa Umuhuzabikorwa w’amatora ku rwego rw’Ifasi y’itora Iyo umubare wuzuye, ukuriye ifasi y’itora, atanga uburenganzira ko itora ritangira akabimenyesha Perezida wa Komisiyo y’Igihugu y’Amatora.

Icyakora iyo isaa sita z’amanywa (12:00 pm) zigeze kimwe cya kabiri (1/2) cy’abagize inteko itora kitaraboneka, itora rirasubikwa rikazasubukurwa mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7).

Igihe hari impamvu ituma itora ridatangirira igihe cyangwa ridasorezwa ku gihe, Komite itoresha ishobora guhindura isaha yo gutangira no gusoza itora nyuma yo kubimenyesha no kugisha inama Perezida wa Komisiyo y’Amatora. Uko byagenda kose, iryo tora ntirigomba kurenga saa kumi n’ebyiri za nimugoroba (6:00 pm).

**<u>Ingingo ya 85</u>: Indahiro itangiza itora**

Mbere yo gutangiza itora, Perezida w’Ibiro by’itora, Umuhuzabikorwa w’Icyumba cy’itora n’Abaseseri barahirira imbere y’abaturage bahageze, indahiro ikurikira:

«*Jyewe,……………………,*

*ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro:*

1) *ko ntazahemukira Repubulika y’u Rwanda;*
2) *ko nzubahiriza Itegeko Nshinga n’andi mategeko;*
3) *ko nzaharanira uburenganzira bw`ibanze bwa muntu n`ibyagirira Abanyarwanda bose akamaro;*
4) *ko nzaharanira ubumwe bw’Abanyarwanda;*
5) *ko nzakorana umurava imirimo nshinzwe;*
6) *ko ntazakoresha ububasha mpawe mu nyungu zanjye bwite.*

*Nintatira iyi ndahiro, nzabihanirwe n’amategeko.*

*Imana ibimfashemo*».

Perezida w’Ibiro by’itora abanza kurahira wenyine mbere yo kuyobora umuhango w’irahira ry’abahuzabikorwa b’Ibyumba by’itora n’Abaseseri b’itora imbere y’abaturage bahari. Abamaze kurahira bose bashyira umukono ku nyandiko z’indahiro zabo.

Imiterere y’inyandikomvugo y’indahiro itangiza itora igaragara ku mugereka wa **kabiri (2)** w’aya Mabwiriza.

**<u>Ingingo ya 86</u>: Gusobanura imigendekere y’itora**

Perezida w’Ibiro by’itora n’abahuzabikorwa b’Ibyumba by’itora basobanurira muri make abaje gutora inzira banyuramo batora n’ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe gutora.

**<u>Ingingo ya 87</u>: Kuzuza inyandikomvugo itangiza itora**
Nyuma yo kurahira no gusobanurira Abaturage uko itora riri bugende, Umuhuzabikorwa w'Icyumba cy'itora yuzuza inyandikomvugo itangiza itora. Imiterere y'inyandikomvugo itangiza itora igaragara ku mugereka wa **gatatu (3)** w'aya Mabwiriza.

**<u>Ingingo ya 88</u>: Ibyangombwa uje gutora yitwaza**
Buri muntu wanditse ku ilisiti y'itora y'Icyumba yemererwa gutora ari uko yerekanye ikarita ndangamuntu ye cyangwa ikiyisimbura cyatanzwe n'inzego zibifitiye ububasha n'ikarita y'itora, iyo ayifite. Iyo adafite kimwe muri ibyo, Umuhuzabikorwa w'Icyumba cy'itora amwemerera gutora hamaze gukorwa igenzura.

**<u>Ingingo ya 89</u>: Uburyo bwo gutora k'uwanditse ku ilisiti y'itora ariko ifoto ye itahagaragara**
Uwanditse ku ilisiti y'itora ariko ifoto ye itagaragaraho yemerewe gutora. Icyakora, kugira ngo atore, yerekana ikarita y'itora iyo ayifite, n'indangamuntu cyangwa icyemezo kiyisimbura by'agateganyo gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha.

**<u>Ingingo ya 90</u>: Abemerewe gutorera aho batanditse**
Abemerewe gutorera aho batanditse ni aba bakurikira:

1) abashinzwe umutekano bari mu kazi;
2) abanyamakuru bakurikirana igikorwa cy'amatora bafite icyemezo kibigaragaza;
3) abashinzwe imirimo y'amatora babifitiye ikibigaragaza;
4) abaganga cyangwa abakora imirimo y'ubutabazi bari mu kazi babifitiye ikibiranga;
5) abaganga, abarwayi n'abarwaza batorera ku biro by'itora byegerejwe ibitaro;
6) abari mu butumwa bw'akazi bafite inyandiko y'ubutumwa ibigaragaza;
7) abahagarariye Umutwe ya Politiki, Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki cyangwa umukandida wigenga;
8) indorerezi z'Abanyarwanda zujuje ibisabwa;
9) Umunyarwanda uje mu Rwanda mu gihe cy'amatora ariko yariyandikishije ku ilisiti y'itora yo muri Ambasade y'u Rwanda iri mu gihugu yarimo, amaze kwerekana urupapuro rw'inzira, ikarita y'itora cyangwa icyemezo cyatanzwe n'abashinzwe kuyobora itora muri Ambasade y'aho abarizwa;
10) Umunyarwanda wiyandikishije mu Gihugu amatora akagera ari hanze y'Igihugu, yerekanye urupapuro rw'inzira n'ikarita y'itora, cyangwa icyemezo cyatanzwe n'ushinzwe kuyobora amatora ku rwego rwa Zone cyemeza ko yanditse ku ilisiti y'itora.

Abavugwa muri iyi ngingo bemererwa gutora hamaze gukorwa igenzura rigamije kumenya ko bemerewe gutora.

Hakorwa inyandikomvugo ku bantu batoreye aho batanditse. Imiterere y'iyo nyandikomvugo igaragara ku mugereka **wa kane (4)** w'aya Mabwiriza.

**<u>Ingingo ya 91</u>: Ibisabwa abemerewe gutorera aho batiyandikishije**
Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 2 y'aya Mabwiriza, abemererwa gutorera aho batiyandikishije ku ilisiti y'itora kubera imirimo yabo mu bihe by'amatora bateganywa mu ngingo ibanziriza iyi, basabwa ibi bikurikira:

1) Kwerekana icyangombwa cy'akazi kigaragaza ko atabasha gutorera aho yanditse;
2) Kwerekana ikarita y'itora yemeza ko yanditswe ku ilisiti y'itora, iyo atayifite hifashishwa ikoranabuhanga mu kwemeza ko yanditse ku ilisiti y'itora;
3) Kwerekana, ikarita ndangamuntu cyangwa icyemezo kiyisimbura by'agateganyo cyatanzwe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha.

Abatoresha mu Cyumba cy'itora bagaragaza ko abavugwa muri iyi ngingo batoye, bashyira kashe "YATOYE" ku ikarita y'itora no ku cyangombwa cy'akazi kigaragaza ko batabasha gutorera aho banditse, kugira ngo bikumire gutora inshuro zirenze imwe.

**Ingingo ya 92: Aho abasirikare n'abapolisi bakora bacumbitse mu bigo batorera**
Abasirikare n'Abapolisi bandikwa ku ilisiti y'itora bagatorera aho biyandikishije. Icyakora, abacumbitse mu bigo bashobora gutorera muri ibyo bigo, byemejwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, hashingiwe kandi ku ilisiti y'itora cyangwa ku rutonde rugaragaza abasirikare cyangwa abapolisi baba muri ibyo bigo. Icyo gihe hashyirirwaho Ibiro by'itora n'Ibyumba by'itora bya ngombwa, hashingiwe ku mubare w'abari muri buri kigo. Bemererwa gutora ari uko babanje kwerekana ikarita ndangamuntu yabo cyangwa ikarita y'akazi yatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha.

Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora agena abatoresha muri ibyo bigo.

**Ingingo ya 93: Uko abemerewe gutora batuye Umudugudu bashyirwa mu byumba by'itora**
Icyumba cy'itora gitorerwamo n'abantu bari hagati ya magana atanu (500) na magana arindwi (700). Iyo abemerewe gutora batuye Umudugudu umwe barenze magana arindwi (700), hategurwa ibyumba by'itora birenze kimwe, hashingiwe ku mubare w'abatora muri uwo Mudugudu, byemejwe n'Inama y'Abakomiseri.

**Ingingo ya 94: Aboroherezwa gutora mbere y'abandi**
Aboroherezwa gutora mbere y'abandi ni aba bakurikira:

1) Abasheshe akanguhe bafite intege nke,
2) Ababyeyi bafite impinja cyangwa batwite,
3) Abafite ubumuga n'abarwayi,
4) Abandi bose bavugwa mu ngingo ya 90 y'aya mabwiriza.

Abo bose boroherezwa gutora mbere y'abandi, babifashijwemo n'Umuhuzabikorwa w'Icyumba cy'itora.

**Ingingo ya 95: Abemerewe kwifashisha ababatorera**
Umuntu ufite ubumuga bwo kutabona kandi udashoboye gukoresha uburyo bwihariye bwateguwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora cyangwa ubumuga bw'amaboko butuma adashobora kwitorera cyangwa kwishyirira urupapuro rw'itora mu gasanduku, yemererwa kuzana umwana ufite nibura imyaka cumi n'ine (14) ariko utarageza ku myaka cumi n'umunani (18) y'amavuko, kugira ngo amufashe gutora. Ufashwa gutora kubera ubumuga agomba kuba nawe ahibereye.

Uretse abantu bateganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo nta wundi wemerewe gutorerwa n'undi.

**Ingingo ya 96: Abemerewe kwinjira mu Cyumba cy'itora mu igihe cy'itora**
Uretse Umuhuzabikorwa w'Icyumba cy'itora n'Abaseseri, abandi bemerewe kwinjira mu Cyumba cy'itora igihe itora ririmo rikorwa ni aba bakurikira:

1) uje gutora;
2) umwana uje gufasha utora;
3) abahagarariye Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ku nzego zitandukanye bafite ibibaranga;
4) abahagarariye abakandida bafite ibibaranga n'ibyemezo bahawe n'ababatumye;
5) indorerezi z'amatora;
6) umunyamakuru ufite icyemezo kibigaragaza;
7) ushinzwe umutekano witabajwe na Perezida w'Ibiro by'itora mu gihe umutekano wahungabanye.

**Ingingo ya 97: Ibibujijwe mu Cyumba cy'itora**
Ntawemerewe kwinjira mu bwihugiko mu masaha yo gutora, keretse Umuhuzabikorwa w'Icyumba cy'itora. Umuhuzabikorwa nawe abyemerewe igihe nta muntu utora uri mu bwihugiko kugira ngo asuzume niba ibikoresho bikiri mu mwanya wabyo.

Ntawemerewe gufotora mu bwihugiko cyangwa gukoresha telefoni mu cyumba cy'itora.

### ICYICIRO CYA 2: ITORA RY'ABADEPITE BATORWA MU BURYO BUTAZIGUYE

**Ingingo ya 98: Abadepite batorwa ku buryo butaziguye**
Abadepite mirongo itanu na batatu (53) batorwa mu buryo butaziguye n'abaturage bose bujuje ibyangombwa byo gutora. Abatorwa mu buryo butaziguye bakomoka mu Mitwe ya Politiki, mu Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki cyangwa abiyamamaje ku giti cyabo.

**Ingingo ya 99: Uburyo bwo gutondekanya abakandida ku rupapuro rw'itora**
Mu gutondekanya Imitwe ya Politiki, Amashyirahamwe y'Imitwe ya Politiki n'Abakandida bigenga ku rupapuro rw'itora hakurikizwa uko kandidatire zakurikiranye zakirwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

**Ingingo ya 100: Imiterere y'urupapuro rw'itora ritaziguye**
Urupapuro rw'itora mu itora ry'Abadepite batorwa mu buryo butaziguye rugizwe n'utuzu dutatu (3) dukurikiranye mu butambike, mu buryo bukurikira:

1) Akazu ka mbere karimo izina ry'Umutwe wa Politiki, ry'Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki, cyangwa ry'Umukandida wigenga;
2) Akazu ka kabiri karimo ikimenyetso cy'Umutwe wa Politiki, cy'Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki, cyangwa cy'Umukandida wigenga;
3) Akazu ka gatatu gaterwamo igikumwe cyangwa kavivurwamo mu gihe cyo gutora.

Iyo hari umukandida wagize impamvu imubuza gukomeza kuba umukandida, urupapuro rw'itora rwarangije gukorwa rukomeza kugira agaciro, ariko Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ikabimenyesha abatora, ikoresheje itangazo rimanitse kuri buri Cyumba cy'itora n'ubundi buryo bwose bwashoboka.

Imiterere y'urupapuro rw'itora mu itora ritaziguye rugaragara ku mugereka wa **gatanu (5)** w'aya Mabwiriza.

**Ingingo ya 101: Uburyo bwo kuzinga urupapuro rw'itora**
Umuseseri ushinzwe gutanga impapuro z'itora, agomba kwereka buri muntu ugiye gutora uburyo ari buzinge urupapuro rw'itora: bwa mbere mu burebure hanyuma mu bugari bwarwo.

Mbere yo kuruha uje gutora, urupapuro rw'itora rugomba kugaragaza inzira y'imizingire yarwo ariko ujya gutora akaruhabwa rurambuye neza.

**Ingingo ya 102: Uburyo bwo gutora**
Utora atera igikumwe cyangwa akavivura mu kazu kabugenewe gakurikira ikimenyetso cy'Umutwe wa Politiki, Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki cyangwa cy'umukandida wigenga ashaka gutora.

Itora rikorwa mu ibanga.

### ICYICIRO CYA 3: ITORA RY'ABADEPITE BATORWA MU BURYO BUZIGUYE

**Ingingo ya 103: Abadepite batorwa mu buryo buziguye**
Abadepite batorwa mu buryo buziguye ni abadepite makumyabiri na barindwi (27) barimo 24 batorwa mu bagore, babiri (2) batorwa mu Rubyiruko n'umwe utorwa mu bafite ubumuga.

Mu Badepite makumyabiri n'abane (24) b'abagore, batandatu (6) batorerwa mu Ntara y'Iburasirazuba, batandatu (6) mu Ntara y'Iburengerazuba, batandatu (6) mu Ntara y'Amajyepfo, bane (4) mu Ntara y'Amajyaruguru na babiri (2) mu Mujyi wa Kigali.

**Ingingo ya 104: Imiterere y'urupapuro rw'itora mu matora y'abadepite batorwa mu buryo buziguye**
Urupapuro rw'itora mu matora y'Abadepite batorwa mu buryo buziguye ni urupapuro ruriho urutonde rw'amazina y'abakandida akurikirana uko kandidatire zagiye zakirwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Urwo rupapuro ruba rugizwe n'utuzu dutatu (3) dukurikirana mu butambike, mu buryo bukurikira:

1) Akazu ka mbere (1) karimo amazina y'umukandida;
2) Akazu ka kabiri (2) karimo ifoto y'umukandida;
3) Akazu ka gatatu (3) gaterwamo igikumwe cyangwa kakavivurwamo mu gihe cyo gutora.

Imiterere y'urupapuro rw'itora mu matora y'Abadepite batorwa mu buryo buziguye igaragara ku mugereka wa **gatandatu (6)** w'aya Mabwiriza.

***Akiciro ka mbere: Itora ry'Abadepite makumyabiri na bane (24) b'Abagore***

**<u>Ingingo ya 105</u>: Inteko itora Abadepite b'Abagore**

Inteko itora abadepite makumyabiri na bane (24) b'Abagore **igizwe** n'aba bakurikira:

1) Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Umudugudu, Akagari, Umurenge n' Akarere bigize ifasi y'itora, ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali no ku rwego rw'Igihugu;
2) Abagize Inama Njyanama y'Imirenge igize ifasi y'itora;
3) Abagize Inama Njyanama z'Uturere tugize Intara cyangwa Umujyi wa Kigali.

**<u>Ingingo ya 106</u>: Aho amatora y'Abadepite b'Abagore abera**

Ku wa 04 Nzeri 2018, amatora y'Abadepite b'abagore azabera ku rwego rw'Akagari ahagenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Abari mu nteko itora abadepite b'abagore bakaba no mu nteko itora urubyiruko, bazatorera abadepite b'abagore, aho bazaba batorera abadepite batorwa mu Rubyiruko.

Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku nzego zinyuranye batorera ku Biro by'itora biri mu Kagari aho Umudugudu batorewemo bwa mbere ubarizwa.

Abagize Inama Njyanama y'Umurenge cyangwa y'Akarere batorera buri wese mu Kagari kamwe yihitiyemo mu Murenge yatorewemo, akakamenyesha Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Akarere mu gihe azaba ategura ilisiti y'inteko itora.

**<u>Ingingo ya 107</u>: Uburyo bwo gutora Abadepite b'Abagore**

Mu gutora Abadepite b'Abagore, utora atera igikumwe cyangwa akavivura mu kazu gakurikira ifoto y'umukandida ahisemo iri ku rupapuro rw'itora. Icyakora, utora ntatora abakandida barenze umubare w'Abadepite wagenewe iyo Ntara cyangwa Umujyi wa Kigali nk'uko uteganywa mu ngingo ya 103 y'aya Mabwiriza. Utora akimara gutora azinga urupapuro rw'itora akarushyira mu gasanduku k'itora.

***Akiciro ka 2: Itora ry'Abadepite babiri (2) batorwa mu Rubyiruko***

**<u>Ingingo ya 108</u>: Inteko itora n'aho itora ribera**

Inteko itora abadepite babiri (2) batorwa mu Rubyiruko igizwe na Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko ku rwego rwa buri Karere no ku rwego rw'Igihugu.

Itora rizaba ku wa 04 Nzeri 2018, ku rwego rw'Igihugu, ahagenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

**<u>Ingingo ya 109</u>: Uburyo bwo gutora**

Mu gutora Abadepite babiri (2) batorwa n'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko, utora atera igikumwe, cyangwa akavivura mu kazu kabugenewe ku rupapuro rw'itora ariko ntarenze umubare w'abakandida depite babiri (2) mu bakandida biyamamaje mu rubyiruko.

Akimara gutora azinga neza urupapuro rw'itora akarushyira mu gasanduku k'itora.

***Akiciro ka 3: Itora ry'Umudepite utorwa n'Inama y'Igihugu y'Abafite ubumuga***

**<u>Ingingo ya 110</u>: Inteko itora n'aho itora ribera**

Inteko itora igizwe n'aba bakurikira:

1) Abagize Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Akarere, ku rwego rw'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali no ku rwego rw'Igihugu;
2) Abahuzabikorwa b'Inama y'Abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Umurenge.

Itora rizaba ku wa 02 Nzeri 2018, muri buri Karere, ahagenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora. Ku Biro by'itora bya buri Karere, hatorera abanditse ku rutonde rw'Inteko itora y'ako Karere.

**Ingingo ya 111: Uburyo bwo gutora**
Mu gutora umudepite mu bafite ubumuga, utora atera igikumwe, cyangwa akavivura mu kazu kabugenewe ku rupapuro rw'itora, agatora umukandida umwe (1) mu bakandida depite biyamamaje mu bafite ubumuga.

Akimara gutora azinga neza urupapuro rw'itora akarushyira mu gasanduku k'itora.

## ICYICIRO CYA 4: GUSOZA ITORA

**Ingingo ya 112: Integuza yo gusoza itora**
Saa munani n'iminota mirongo itatu (02:30 pm), Umuhuzabikorwa w'Icyumba cy'itora yibutsa abaje gutora bari ku murongo n'abayobora amatora ko isaha yo gusoza iri hafi, akabasaba kwihutisha igikorwa.

**Ingingo ya 113: Isaha yo gusoza itora**
Itora risozwa saa cyenda z'igicamunsi (03:00 pm). Iyo saa cyenda z'igicamunsi (03:00 pm) zigeze hari abaje gutora bakiri ku murongo kandi baje mbere y'iyo saha, abo bonyine ni bo bemererwa gukomeza gutora kugeza ubwo barangije.

**Ingingo ya 114: Gusubika itora**
Iyo habonetse impamvu zituma itora risubikwa, Perezida w'Ibiro by'itora abimenyesha umukuriye nawe akabimenyesha Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Akarere, uyu akabimenyesha Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali na Komiseri ukurikira amatora muri iyo Ntara cyangwa Umujyi wa Kigali. Mbere yo gufata icyemezo cyo gusubika itora, Komiseri abanza kugisha inama Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora. Perezida w'Ibiro by'itora abikorera inyandikomvugo hakurikijwe umugereka wa **karindwi (7)** w'aya Mabwiriza isubika cyangwa yongera igihe cy'itora.

**Ingingo ya 115: Ibikorwa nyuma yo gusoza itora**
Itora rimaze kurangira, Umuhuzabikorwa w'Icyumba cy'itora afungira mu ruhame agasanduku k'itora batoreyemo akagenzura ibi bikurikira:

1) umubare w'abanditswe ku ilisiti y'itora y'icyumba cy'itora;
2) umubare w'abatoye bari ku ilisiti y'itora y'icyumba;
3) umubare w'abatoreye muri icyo cyumba cy'itora batari ku ilisti y'itora;
4) umubare w'impapuro z'itora zakoreshejwe;
5) umubare w'impapuro z'itora zasigaye zidatoreweho.

Nyuma y'iryo genzura akora inyandikomvugo isoza itora. Imiterere y'iyo nyandikomvugo igaragara ku mugereka wa **munani (8)** w'aya Mabwiriza.

## UMUTWE WA VIII: IBARURA N'IKUSANYA RY'AMAJWI

**Ingingo ya 116: Ibarura ry'amajwi n'aho rikorerwa**
Ibarura ry'amajwi rikorerwa muri buri Cyumba cy'itora, nyuma y'igikorwa cyo gusoza itora, bigakorwa n'Abaseseri bayobowe n'Umuhuzabikorwa w'Icyumba cy'itora. Mbere yo gutangira kubarura amajwi, Umuhuzabikorwa w'Icyumba cy'itora n'Abaseseri babanza gutegura inyandikomvugo n'ibindi bijyanye n'ibarura ry'amajwi.

Kubarura amajwi bikorwa mu ruhame imbere y'Abaturage, Indorerezi n'abahagarariye abakandida iyo bahari. Iyo abo bantu badahari, ntibibuza igikorwa cyo kubarura amajwi, kandi ntibitesha agaciro ibyavuye mu matora.

**Ingingo ya 117: Uko ibikorwa by'ibarura ry'amajwi bikurikirana**
Ibikorwa by'ibarura ry'amajwi bikurikira bikorwa n'abaseseri kandi bigakurikirana ku buryo bukurikira:

1) kwemeza umubare w'abatoye bari ku ilisiti y'itora no kuwutangaza;
2) gufungura agasanduku k'itora mu ruhame, kubarura impapuro zatoreweho zirimo no gutangaza umubare wazo;

3) umwe mu baseseri ahereza mugenzi we urupapuro rw'itora rurambuye na we akarusoma mu ijwi riranguruye. Uwa gatatu mu baseseri ashyira ijwi riri kuri urwo rupapuro rw'itora ku rundi rupapuro rwabigenewe, rubarurirwaho amajwi rumanikwa ahagaragarira buri wese uhari cyangwa ubundi buryo bwateganyijwe na Komisiyo;
4) iyo impapuro zose z'itora zimaze gusomwa, habarurwa amajwi buri mukandida cyangwa ilisiti y'abakandida babonye, hashingiwe ku mpapuro zatoreweho neza, hakanabarurwa impapuro z'imfabusa. Abaseseri b'icyumba cy'itora bemeza ibyagaragajwe ku mpapuro zabaruriweho amajwi bazishyiraho umukono. Imikono y'ababaruye amajwi igomba kubanzirizwa n'amazina yose, inimero y'ikarita ndangamuntu na nimero y'ikarita y'itora.
5) Abahagarariye abakandida bahari bashobora nabo gushyira umukono ku mpapuro z'ibarura ry'amajwi. Iyo batazishyizeho umukono ntibitesha agaciro amajwi yabaruwe. Kumenyekanisha ibyavuye mu ibarura bikorwa ako kanya ibarura rirangiye;
6) abashinzwe gutoresha mu cyumba cy'itora begeranya ibyavuye mu ibarura ry'amajwi;
7) umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora n'abaseseri bakora inyandikomvugo muri kopi ebyiri (2) z'ibyo bikorwa ku mpapuro zabigenewe, ikubiyemo ibi bikurikira:
   a) isaha y'itangizwa n'isozwa ry'itora, uko ibiteganywa n'amategeko byubahirijwe n'ibibazo byavutse mu itora, iyo bihari;
   b) umukono w'abatoresha mu Cyumba cy'itora, uw'abakandida cyangwa ababahagarariye abakandida. Iyo abahagarariye abakandida badashyize umukono ku nyandikomvugo ntibiyibuza kwemerwa. Abahagarariye abakandida bafite uburenganzira bwo kugenzura ibikorwa byose by'ibarura ry'amajwi ndetse no gusaba ko mu nyandikomvugo handikwamo ibyo bagenzuye cyangwa ibyo batemeranyijweho.
8) Umuhuzabikorwa w'Icyumba cy'itora ategura inyandikomvugo muri kopi ebyiri (2), imwe ishyirwa mu ibahasha akayifunga igashyirwa mu gasanduku k'itora k'Icyumba cy'itora hamwe n'impapuro zatoreweho neza. Izitatoreweho n'imfabusa akabishyikiriza Perezida w'Ibiro by'itora. Iyindi nyandikomvugo Umuhuzabikorwa w'Icyumba cy'itora ayishyikiriza Perezida w'Ibiro by'itora. Perezida w'Ibiro by'itora ahuriza hamwe ibyavuye mu itora yifashishije inyandikomvugo zavuye mu byumba by'itora akabikorera inyandikomvugo, akayishyira mu ibahasha, akayifunga, akayiteraho kashe mu ruhame. Iyo nyandikomvugo yohererezwa umuhuzabikorwa w'imirimo y'itora ku rwego rw'Akarere abinyujije ku muhuzabikorwa w'imirimo y'itora ku rwego rw'Umurenge.
9) inyandikomvugo ihabwa umuhuzabikorwa w'imirimo y'itora ku rwego rw'Akarere igomba kuba ikubiyemo ibi bikurikira:
   a) umubare w'abari ku ilisiti y'itora bemerewe gutora;
   b) umubare w'abatoye;
   c) umubare w'abatoye mu cyumba cy'itora batari ku ilisiti y'itora y'icyo cyumba cy'itora;
   d) umubare w'impapuro z'itora bahawe;
   e) umubare w'impapuro z'itora zatoreweho neza n'iz'imfabusa;
   f) umubare w'impapuro z'ibirego, iyo bihari;
   g) umubare w'impapuro zabaruriweho amajwi;
   h) umubare w'impapuro z'itora zitakoreshejwe.

**Ingingo ya 118: Urupapuro rw'itora rufatwa nk'Impfabusa**

Urupapuro rw'itora ruba impfabusa iyo:

1) rudahuje n'ibiteganywa n'Itegeko Ngenga rigenga amatora cyangwa aya Mabwiriza;
2) ruriho ibimenyetso binyuranye n'ibyateganyijwe gukoreshwa;
3) rutagaragaza bihagije umukandida watowe cyangwa uwatoye akaba yimenyekanishije kuri urwo rupapuro;
4) rwashyizwe mu gasanduku ariko rutatoreweho;
5) rwanditseho ibindi bintu;
6) rwatoreweho uwakuyemo kandidatire ye cyangwa wahagaritswe;
7) ikimenyetso gikoreshwa mu itora kiri hagati y'abakandida babiri.

**Ingingo ya 119: Ikimenyetso gifatwa nk'ijwi ry'Umukandida**
Iyo ikimenyetso gikoreshwa mu itora kiri mu kazu kabugenewe, kiri ahari izina ry'umukandida, ahari ikimenyetso kimuranga cyangwa ahari ifoto ye bifatwa ko ari ijwi ry'uwo mukandida.

**Ingingo ya 120: Isubikwa ry'ibarura ry'amajwi**
Kubarura amajwi ntibigomba guhagarikwa. Birakorwa kugeza birangiye uretse iyo habaye impamvu zidasanzwe, bikamenyeshwa Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora hakurikijwe inzira iteganywa mu ngingo ya 114 y'aya mabwiriza.

Icyo gihe, igikorwa cyo gusubika ibarura ry'amajwi gikorerwa inyandikomvugo. Imiterere y'iyo nyandikomvugo igaragara ku mugereka wa **cyenda (9)** w'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 121: Kumenyekanisha ibyavuye mu ibarura ry'amajwi mu Cyumba cy'itora**
Iyo ibarura ry'amajwi rirangiye, Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora ahita amenyesha abari aho ibyavuye muri iryo barura.

Ibimenyekanishwa ni ibi bikurikira:

1) umubare w'abagombaga gutora bari ku ilisiti y'itora y'icyo Cyumba;
2) umubare w'abatoye bari ku ilisiti y'itora y'icyo Cyumba;
3) umubare w'abatoye batari ku ilisiti y'itora y'icyo Cyumba;
4) umubare w'impapuro z'itora zatoreweho;
5) umubare w'amajwi buri mukandida yabonye;
6) umubare w'impapuro z'itora zabaye impfabusa;
7) umubare w'impapuro z'itora zasigaye zidatoreweho.

Nyuma yo gusuzuma imibare ivugwa mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo, ababaruye amajwi bakora inyandikomvugo y'ibarura ry'amajwi mu Cyumba cy'itora, bakanuzuza inyandikomvugo ikorwa hakurikijwe umugereka **wa cumi (10)** w'aya Mabwiriza.

Ababaruye amajwi bandika amazina yabo ku nyandikomvugo yabugenewe yabaruriweho amajwi, bagashyiraho n'imikono yabo.

**Ingingo ya 122: Ihuzwa ry'ibyavuye mu itora ku Biro by'itora**
Ihuzwa ry'ibyavuye mu matora mu Byumba by'itora rikorerwa ku Biro by'itora rigakorwa na Perezida w'Ibiro by'itora afatanyije n'Abahuzabikorwa b'Ibyumba by'itora bigize ibyo Biro by'itora.

Mu guhuriza hamwe ibyavuye mu matora, bashingira ku byavuye mu matora mu Byumba by'itora bigize Ibiro by'itora.

Ihuzwa ry'ibyavuye mu matora ku rwego rw'Ibiro by'itora rigaragaza imibare ikurikira:

1) umubare w'abagombaga gutora bari ku ilisiti y'itora y'Ibyumba bigize Ibiro by'itora;
2) umubare w'abatoye bari ku ilisiti y'itora y'Ibyumba bigize Ibiro by'itora;
3) umubare w'abatoye batari ku ilisiti y'itora y'Ibyumba bigize Ibiro by'itora;
4) umubare w'impapuro z'itora zatoreweho ku rwego rw'Ibiro by'itora;
5) umubare w'amajwi buri mukandida yabonye ku rwego rw'Ibiro by'itora;
6) umubare w'impapuro z'itora zabaye impfabusa ku rwego rw'Ibiro by'itora;
7) umubare w'impapuro z'itora zasigaye zidatoreweho ku rwego rw'Ibiro by'itora.

Perezida w'Ibiro by'itora amenyesha abantu bahari ibyavuye mu matora kandi agakora inyandikomvugo hakurikijwe imiterere y'umugereka wa **cumi na rimwe (11)** w'aya mabwiriza.

Perezida w'Ibiro by'itora, iyo amaze guhuriza hamwe ku rwego rw'Ibiro by'itora ibyavuye mu matora kuri buri Cyumba cy'itora, ashyira inyandikomvugo y'ibyavuye mu matora ku rwego rw'Ibiro by'itora mu ibahasha yabugenewe akandikaho amazina na nomero y'Ibiro by'itora, akayifunga neza, akayishyiraho kashe, hanyuma akayohererereza Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Umurenge, nawe akayishyikiriza Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Akarere.

**Ingingo ya 123: Ihuzwa ry'ibyavuye mu matora ku rwego rw'Akarere no ku rwego rw'Igihugu**
Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Akarere, amaze guhuriza hamwe amajwi ya buri mukandida yavuye ku Biro by'itora bigize Akarere, amenyesha abantu bahari ibyavuye mu matora, akanakora inyandikomvugo yabigenewe, bikohererezwa Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora

ku rwego rw'Igihugu mu ibahasha ifunze iteyeho kashe, cyangwa hakoreshejwe ubundi buryo bwihuse bushoboka bwemejwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora. Imiterere y'inyandikomvugo ikoreshwa mu ihuzwa ry'ibavuye mu matora ku rwego rw'Akarere igaragara ku mugereka wa **cumi na kabiri (12)** w' aya Mabwiriza.

Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'amatora ahuriza hamwe ibyavuye mu matora mu Gihugu no muri za Ambasade. Imiterere y'inyandiko ikoreshwa mu ihuzwa ry'ibavuye mu matora mu gihugu hose igaragara ku mugereka wa **cumi na gatatu (13)** w' aya Mabwiriza.

**<u>Ingingo ya 124</u>: Ihuzwa ry'ibyavuye mu itora ry'Abadepite b'abagore**
Nyuma y'itora, Perezida w'Ibiro by'itora afatanyije n'Abaseseri yegeranya ibyavuye mu ibarura ry'amajwi agakora inyandikomvugo ikubiyemo ibi bikurikira:

1) umubare w'abagombaga gutora bari ku ilisiti y'itora;
2) umubare w'abatoye;
3) umubare w'impapuro zitora bahawe;
4) umubare w'abatoye neza;
5) umubare w'impapuro z'itora zatoreweho neza;
6) umubare w'imfabusa;
7) umubare w'impapuro zasigaye zidatoreweho.
8) amajwi ya buri mukandida.

Perezida w'ibiro by'itora amenyesha abantu baharí ibyavuye mu matora.

Perezida w'Ibiro by'itora ashyira inyandikomvugo y'ibyavuye mu matora ku rwego rw'Ibiro by'itora mu ibahasha, akayifunga neza ku buryo bwizewe agateraho kashe mu ruhame, akandikaho amazina y'Ibiro by'itora, akayohererereza Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Umurenge.

Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Umurenge, amaze guhuriza hamwe amajwi ya buri mukandida yavuye ku Tugari tugize Umurenge, amenyesha abahari ibyavuye mu matora, akanakora inyandikomvugo yabigenewe bikohererezwa Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Akarere.

Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Akarere, amaze guhuriza hamwe amajwi ya buri mukandida yavuye ku Mirenge igize Akarere, amenyesha abahari ibyavuye mu matora, akanakora inyandikomvugo yabigenewe bikohererezwa Umuhuzabikorwa ku rwego rw'Intara/Umujyi wa Kigali mu ibahasha ifunze neza.

Umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali, amaze guhuriza hamwe amajwi ya buri mukandida yavuye mu Turere twose tugize Intara cyangwa Umujyi wa Kigali, amenyesha abahari ibyavuye mu matora, akanakora inyandimvugo yabigenewe bikohererezwa Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu ibahasha ifunze neza iteyeho kashe. Imiterere y'inyandiko ikoreshwa mu ihuzwa ry'ibyavuye mu itora rikorwa mu buryo buziguye igaragara ku mugereka wa **cumi na kane (14)** w' aya Mabwiriza. Akoresha kandi ubundi buryo bwihuse bushoboka bwagenwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

**<u>Ingingo ya 125</u>: Ihuzwa ry'ibyavuye mu matora y'Abadepite babiri (2) b'Urubyiruko**
Nyuma y'itora ry'Abadepite babiri (2) b'Urubyiruko, Perezida w'ibiro by'itora, afatanyije n'abaseseri yegeranya ibyavuye mu ibarura ry'amajwi agakora inyandikomvugo ikubiyemo ibi bikurikira:

1) umubare w'abagombaga gutora bari ku ilisiti y'itora;
2) umubare w'abatoye;
3) umubare w'impapuro zitora bahawe;
4) umubare w'abatoye neza;
5) umubare w'impapuro z'itora zatoreweho neza;
6) umubare w'imfabusa;
7) umubare w'impapuro zasigaye zidatoreweho.
8) amajwi ya buri mukandida.

Perezida w'Ibiro by'itora amenyesha abantu bahari ibyavuye mu matora.

Perezida w'Ibiro by'itora ashyira inyandikomvugo y'ibyavuye mu matora ku rwego rw'Ibiro by'itora mu ibahasha ifunze neza ku buryo bwizewe agateraho kashe mu ruhame, akayishyikiriza Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

**Ingingo ya 126: Ihuzwa ry'ibyavuye mu itora ry'Umudepite ufite ubumuga**
Nyuma y'itora ry'Umudepite ufite ubumuga, Perezida w'ibiro by'itora afatanyije n'Abaseseri yegeranya ibyavuye mu ibarura ry'amajwi agakora inyandikomvugo ikubiyemo ibi bikurikira:

1) umubare w'abagombaga gutora bari ku ilisiti y'itora;
2) umubare w'abatoye;
3) umubare w'impapuro zitora bahawe;
4) umubare w'abatoye neza;
5) umubare w'impapuro z'itora zatoreweho neza;
6) umubare w'imfabusa;
7) umubare w'impapuro zasigaye zidatoreweho;
8) amajwi ya buri mukandida.

Perezida w'Ibiro by'itora amenyesha abantu bahari ibyavuye mu matora.

Nyuma y'ibarura ry'amajwi, uwayoboye amatora ku rwego rw'Akarere yohereza ibyavuye mu matora Umuhuzabikorwa w'ibikorwa by'amatora ku rwego rw'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali. Umuhuzabikorwa w'ibikorwa by'amatora ku rwego rw'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali ahuza ibyavuye mu matora ku rwego rw'Uturere tugize Intara cyangwa Umujyi wa Kigali, akabyohereza Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

**Ingingo ya 127: Ahamanikwa inyandiko zahurijweho ibyavuye mu matora**
Inyandiko zihurizwaho ibyavuye mu matora zimanikwa kuri buri rwego rwabereyeho ihuzwa ry'amajwi yavuye mu itora.

**Ingingo ya 128: Kubika impapuro z'itora**
Nyuma yo kubarura amajwi, buri gasanduku k'itora karimo impapuro z'itora zatoreweho, iz'imfabusa n'izitatoreweho karafungwa hakoreshejwe ibikoresho byabugenewe.

Udusanduku turimo impapuro zirebana n'itora tubikwa ahagenwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora kugeza igihe hatangarijwe burundu ibyavuye mu matora.

**Ingingo ya 129: Abatsindira imyanya y'Abadepite batorwa mu buryo buziguye**
Ku byerekeye abakandida b'Abadepite batorwa mu buryo buziguye, abarushije abandi amajwi nibo baba batowe hashingiwe ku mubare w'imyanya buri rwego rwagenewe mu Nteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite.

Iyo hari abanganyije amajwi ku mwanya wa nyuma, amatora asubirwamo ku banganyije mu gihe kitari hejuru y'amasaha mirongo ine n'umunani (48) kandi utora agahitamo umuntu umwe gusa.

Iyo hongeye kuba kunganya amajwi ku nshuro ya kabiri, hakoreshwa tombola ku bongeye kunganya amajwi hakurikijwe uburyo buteganywa n'ingingo ya 130 y'aya mabwiriza.

**Ingingo ya 130: Uburyo tombola ikorwa kubanganyije amajwi ku nshuro ya kabiri**
Mu gukoresha tombola, abayobora amatora bariherera bagategura udupapuro tungana n'umubare w'abanganyije amajwi. Agapapuro kamwe kandikwaho "YEGO" utundi tukandikwaho "OYA". Hatombora gusa abakandida banganyije amajwi. Ufata mbere agapapuro ni ufite izina rya mbere ry'ikinyarwanda ribanzirizwa n'inyuguti za mbere ku rutonde rw'inyuguti. Uhisemo agapapuro kanditseho "YEGO" niwe uba utowe.

**Ingingo ya 131: Gutangaza ibyavuye mu matora n'igihe bikorerwa**
Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora niwe utangaza by'agateganyo na burundu ibyavuye mu matora hakoreshejwe itangazamakuru rikoresha inyandiko, amajwi, amajwi n'amashusho cyangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga mu itumanaho. Gutangaza by'agateganyo ibyavuye mu matora bikorwa mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) itora rirangiye. Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora atangaza burundu ibyavuye mu matora mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) nyuma yo gutangaza by'agateganyo ibyavuye mu matora.

**Ingingo ya 132: Ikemurwa ry'impaka ku bikorwa by'amatora cyangwa ibyavuye mu matora**
Mu gihe habaye impaka ku bikorwa by'amatora cyangwa ibyavuye mu matora, abo bireba bashobora kubishyikiriza urwego rwa Komisiyo rw'aho ikibazo cyagaragaye. Iyo ikibazo kidakemutse gishyikirizwa inzego zisumbuye za Komisiyo y'Igihugu y'Amatora. Iyo izo nzego zitagikemuye ikibazo gishyikirizwa Urukiko rubifitiye ububasha.

**UMUTWE WA IX: IMIGENDEKERE Y'AMATORA MU MAHANGA**

**Ingingo ya 133: Aho amatora abera n'igihe akorerwa mu mahanga**
Mu mahanga, itora ry'Abadepite batorwa ku buryo butaziguye rizaba ku itariki ya 02/09/2018, ribere muri Ambasade cyangwa ahandi hagenwa na Ambasade ibyumvikanyeho na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, hagamijwe korohereza abatora.

**Ingingo ya 134: Igihe itora ritangirira n'igihe rirangirira**
Mu mahanga itora ritangira saa moya za mu gitondo (07:00 am) akarangira saa cyenda z'igicamunsi (03:00 pm) hakurikijwe amasaha ya buri gihugu**.** Icyakora, iyo Umuhuzabikorwa w'amatora asanze hari abakomeje kuza gutora, abemerera gukomeza gutora, nyuma yo kubimenyesha Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Icyakora, amatora ntashobora kurenza saa sita z'ijoro (12:00 am) hakurikijwe amasaha y'aho amatora abera.

**Ingingo ya 135: Abemerewe gutorera muri Ambassade**
Kugira ngo Umunyarwanda uba mu mahanga yemererwe gutora, agomba kuba yanditse ku ilisiti y'itora kandi afite nibura kimwe mu byangombwa bitangwa n'Inzego z'Ubuyobozi bw'u Rwanda zibifitiye ububasha. Ibyo byangombwa n'ibi bikurikira:

1) ikarita ndangamuntu;
2) urwandiko rw'inzira «Passeport» cyangwa "Consular Card";
3) ikarita y'itora. Iyo adafite ikarita y'itora, hifashishwa ikoranabuhanga kugira ngo harebwe ko ari ku ilisiti y'itora.

Umunyarwanda wiyandikishije ku ilisiti y'itora mu Rwanda, amatora akagera ari hanze y'Igihugu, yemerewe gutorera aho ari, yerekanye urupapuro rw'inzira n'ikarita y'itora cyangwa icyemezo cyatanzwe n'ushinzwe kuyobora amatora ku rwego rwa Zone yanditswemo.

**Ingingo ya 136: Abayobora amatora**
Ambasaderi ni we Muhuzabikorwa w'amatora mu ifasi ahagarariyemo u Rwanda. Iyo atabonetse, umusimbura mu mirimo ye ni we ukora ako kazi.

Amatora mu mahanga ayoborwa n'abakozi b'Abanyarwanda ba Ambasade cyangwa abandi banyarwanda b'Abakorerabushake bemerewe gutora, bashyirwaho n'Umuhuzabikorwa y'iyo Ambasade, bakamenyeshwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, nibura iminsi icumi (10) mbere y'umunsi w'itora, kugira ngo ibemerere.

**Ingingo ya 137: Ibarura n'ihuzwa ry'ibyavuye mu matora muri Ambasade**
Muri Ambasade n'ubwo itora rizaba ku itariki ya 02/09/2018, ibarura n'ihuzwa ry'amajwi bizakorwa ku itariki ya 03/09/2018 nyuma ya saa cyenda z'igicamunsi (3:00 pm) ku masaha yo mu Rwanda.

Umuhuzabikorwa w'amatora ashyikiriza Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora inyandiko y'ibyavuye mu matora, mu gihe kitarenze amasaha cumi n'abiri (12) ibarura ry'amajwi rirangiye hakoreshejwe uburyo bwagenywe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

**Ingingo ya 138: Kubika ibikoresho by'itora**
Nyuma y'itora, kuri buri Biro by'itora hagomba gukusanywa ibikoresho by'itora byakoreshejwe. Impapuro z'itora zatoreweho n'inyandikomvugo ku migendekere y'amatora zirabikwa kugeza igihe hatangajwe burundu ibyavuye mu matora.

Hakorwa inyandiko igaragaza ubwoko n'umubare w'ibikoresho bishobora kuzakoreshwa mu matora ataha, bikabikwa neza n'Ambasade.

## UMUTWE WA X: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

**Ingingo ya 139: Inzego zikurikirana uwanyuranyije n'amategeko**

Ku Biro by'itora, Perezida w'Ibiro by'itora afite uburenganzira, amaze kubikorera inyandikomvugo, bwo gusaba Inzego z'umutekano zibifite mu nshingano zazo, gufata no gukurikirana umuntu, uwo ariwe wese, ukora cyangwa ukekwaho gukora ibinyuranyije n'amategeko n'amabwiriza agenga amatora.

Imiterere y'iyo nyandiko igaragara ku mugereka wa **cumi na gatanu (1)** w'aya Mabwiriza.

Iyo habaye ikibazo mu ifasi ya Ambasade y'u Rwanda, Umuhuzabikorwa w'amatora muri iyo fasi yiyambaza inzego z'umutekano z'Igihugu amatora aberamo.

**Ingingo ya 140: Amabwiriza y'inyongera**

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ishobora gutanga andi mabwiriza yuzuza aya, igihe cyose bibaye ngombwa.

**Ingingo ya 141: Iyubahirizwa ry'aya Mabwiriza**

Usibye ingingo zihariye zerekeye itora rikorerwa mu Gihugu, izindi ngingo zose z'aya Mabwiriza zubahirizwa mu ifasi ya Ambasade nk'uko zubahirizwa mu Gihugu.

**Ingingo ya 142: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'aya Mabwiriza**

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya, kandi zinyuranyije nayo zivanyweho.

**Ingingo ya 143: Igihe aya Mabwiriza atangira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Bikorewe i Kigali, ku wa **09/07/2018**.

**(sé)**
**Prof. Kalisa Mbanda,**
**Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

***UMUGEREKA WA MBERE*: *ICYEMEZO GITANGA UBUBASHA BWO GUHAGARARIRA UMUKANDIDA (amazina):***..........................................................................

Intara ya/Umujyi wa Kigali ………………………………………
Akarere ka……………………………………..............................
Umurenge wa ...............................................................................

**KU BIRO BY'ITORA...................................**

| No | AMAZINA YOSE Y'USINYA | Nº Y'IKARITA NDANGAMUNTU | No Y'IKARITA Y'ITORA | N⁰ YA TELEFONE |
|---|---|---|---|---|
| **Umuhagararira ku Biro** | | | | |
| 1. | | | | |
| **Abamuhagararira mu Byumba** | | | | |
| 1. | | | | |
| 2. | | | | |
| 3. | | | | |
| 4. | | | | |
| 5. | | | | |
| 6. | | | | |
| 7. | | | | |
| 8. | | | | |
| 9. | | | | |
| 10. | | | | |
| 11. | | | | |
| 12. | | | | |
| 13. | | | | |
| 14. | | | | |
| 15. | | | | |

**Amazina n'umukono w'Umukandida cyangwa uwo yabihereye ububasha mu nyandiko, n'itariki: ........................................................................................................................**

**Amazina n'umukono w'Umuhuzabikorwa w'Amatora ku rwego rw'Akarere ...............................**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

**UMUGEREKA WA 2: INYANDIKOMVUGO Y'INDAHIRO ITANGIZA ITORA**

«*Jyewe,……………………,*

*ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro:*

1° *ko ntazahemukira Repubulika y'u Rwanda ;*
2° *ko nzubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko;*
3° *ko nzaharanira uburenganzira bw`ibanze bwa muntu n`ibyagirira Abanyarwanda bose akamaro;*
4° *ko nzaharanira ubumwe bw'Abanyarwanda;*
5° *ko nzakorana umurava imirimo nshinzwe;*
6° *ko ntazakoresha ububasha mpawe mu nyungu zanjye bwite.*

*Nintatira iyi ndahiro, nzabihanirwe n'amategeko.*

*Imana ibimfashemo».*

AKARERE: UMURENGE: AKAGARI:
IZINA RYA BIRO:.......................................NOMERO YA SITE: ITARIKI:

| No | AMAZINA | No Y'INDANGAMUNTU | ICYO AKORA | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|
| 1) | | | Perezida w'Ibiro by'itora | |
| 2) | | | | |
| 3) | | | | |
| 4) | | | | |
| 5) | | | | |
| 6) | | | | |
| 7) | | | | |
| 8) | | | | |
| 9) | | | | |
| 10) | | | | |
| 11) | | | | |
| 12) | | | | |
| 13) | | | | |
| 14) | | | | |
| 15) | | | | |
| 16) | | | | |
| 17) | | | | |
| 18) | | | | |
| 19) | | | | |
| 20) | | | | |
| 21) | | | | |
| 22) | | | | |
| 23) | | | | |
| 24) | | | | |
| 25) | | | | |
| 26) | | | | |

***UMUGEREKA WA 3: INYANDIKOMVUGO ITANGIZA ITORA MU CYUMBA CY'ITORA***

Intara ya/Umujyi wa Kigali ………………………………………
Akarere ka………………………………….............................
Umurenge wa ..................................................................................
Ibiro by'itora ………………………………….............................
Icyumba cy'itora ...........................................................................

Umwaka wa……………ukwezi kwa…………umunsi wa ………………..
Twebwe………………………………..........……..............……., Umuhuzabikorwa w'amatora mu Cyumba cy'itora n'Abaseseri b'itora dutangije itora mu Cyumba cy'itora cya.................................................. ku buryo bukurikira :

1) Twagenzuye udusanduku tw'itora dusanga nta mpapuro zirimo.
2) Umubare w'abiyandikishije bari ku ilisiti y'itora batorera mu Cyumba cy'itora........ [ ]
3) Umubare w'impapuro z'itora twahawe......................................................................... [ ]
4) Itora ritangiye saa.......................................................................................................... [ ]

**Amazina n'Umukono by'Umuhuzabikorwa w'itora mu Cyumba cy'itora.**

**Amazina n'Imikono by'Abaseseri mu Cyumba cy'itora:**

**a. ..........................................................................................................................................**

**b. ..........................................................................................................................................**

**c. ..........................................................................................................................................**

**d. ..........................................................................................................................................**

b)

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

**<u>UMUGEREKA WA 4</u>: UMUGEREKA W'ABATOREYE AHO BATANDITSE**

Umujyi wa Kigali / Intara ya.................
Akarere ka.............................................
Umurenge wa.........................................
Ibiro by'itora ........................................
Icyumba cy'itora....................................
Itariki:....................................................................

| N° | AMAZINA | NOMERO Y'IKIMURANGA | NOMERO Y'IKARITA Y'ITORA | M/F | ICYO AKORA |
|---|---|---|---|---|---|
| 1) | | | | | |
| 2) | | | | | |
| 3) | | | | | |
| 4) | | | | | |
| 5) | | | | | |
| 6) | | | | | |
| 7) | | | | | |
| 8) | | | | | |
| 9) | | | | | |
| 10) | | | | | |
| 11) | | | | | |
| 12) | | | | | |
| 13) | | | | | |
| 14) | | | | | |
| 15) | | | | | |
| 16) | | | | | |
| 17) | | | | | |
| 18) | | | | | |
| 19) | | | | | |
| 20) | | | | | |
| 21) | | | | | |
| 22) | | | | | |
| 23) | | | | | |
| 24) | | | | | |
| 25) | | | | | |
| 26) | | | | | |
| 27) | | | | | |
| 28) | | | | | |
| 29) | | | | | |
| 30) | | | | | |

Amazina n'umukono by'Umuhuzabikorwa mu Cyumba cy'itora:
.............................................................................................................................................

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

**UMUGEREKA WA 5: IMITERERE Y'URUPAPURO RW'ITORA MU MATORA ATAZIGUYE**

| AMAZINA Y'UMUTWE WA POLITIKI/UMUKANDIDA WIGENGA | IKIMENYETSO | AHO UTORA ATERA IGIKUMWE CYANGWA AVIVURA "V" |
|---|---|---|
| 1) | | |
| 2) | | |
| 3) | | |
| 4) | | |
| 5) | | |
| 6) | | |
| 7) | | |
| 8) | | |
| 9) | | |
| 10) | | |

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

**<u>UMUGEREKA WA 6</u>: IMITERERE Y'URUPAPURO RW'ITORA MU MATORA AZIGUYE**

| AMAZINA Y'UMUKANDIDA | IFOTO | AHO UTORA ATERA IGIKUMWE CYANGWA AVIVURAMO "V" |
|---|---|---|
| 1. | | |
| 2. | | |
| 3. | | |
| 4. | | |
| 5. | | |
| 6. | | |

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

---

**UMUGEREKA WA 7: INYANDIKO ISUBIKA ITORA CYANGWA YONGERA IGIHE CY'ITORA**

Intara ya/ Umujyi wa Kigali..............................
Akarere ka.........................................................
Umurenge wa....................................................
Ibiro by'itora.....................................................
Icyumba cy'Itora................................................

Umwaka wa...................ukwezi kwa..................., umunsi wa......................,
twebwe..........................................................., Perezidaw'Ibiro by'itora bya
................................................

Tumaze kubonako gutora bidashoboka kubera impamvu zikurikira:
..............................................................................................................................
Tumaze kubona ko abagombaga gutorera mu Cyumba cy'itora/ku Biro by'itora bataratora bose kubera impamvu
zikurikira:......................................................................................................................................
..........................................................................................................................................................
....

Tumaze kubisaba no kubiherwa uburenganzira na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora,

Dusubitse itora mu Cyumba cy'itora / ku Biro by'itora .......................................kugira ngo rikomeze Kuwa ............................................................................................................................................

Twongereye igihe cyo gutora kugirango itora risozwe saa .....................................................................

Amazina n'umukono bya Perezida w'Ibiro ..........................................................................................

Amazina n'umukono by'Umuhuzabikorwa by'itora w'Icyumba cy'itora bireba ..................................

**<u>UMUGEREKA WA 8</u>: INYANDIKOMVUGO ISOZA ITORA**

Intara ya /Umujyi wa Kigali ............................
Akarere ka.........................................................
Umurenge wa....................................................
Ibiro by'itora.....................................................

Umwaka wa...................ukwezi kwa..................,umunsi wa......................,
twebwe...........................................
..........................................................., Perezida w'Ibiro by'itora bya..............................................

Tumaze kubona ko ari saa........................,

Dushoje itora ryaberaga hano.

Amazina n'umukono bya Perezida w'Ibiro by'itora: .........................................................................

**UMUGEREKA *WA 9: INYANDIKOMVUGO ISUBIKA IBARURA RY'AMAJWI***

Intara ya/ Umujyi wa Kigali ................................
Akarere ka...........................................................
Umurenge wa.......................................................
Ibiro by'itora.......................................................
Icyumba cy'itora.................................................

Umwaka wa...................ukwezi kwa.................., umunsi wa......................,
Twebwe.........................................................., Perezida w'Ibiro by'itora n°. .................................

Tumaze kubona ko kubarura amajwi bidashora gukomeza kubera impamvu zikurikira:
.......................................................................................................................
.........................................................................................................................
Tumaze kubisaba no kubiherwa uburenganzira na Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Dusubitse ibarura ry'amajwi mu Cyumba cy'itora................., kugira ngo rikomeze saa...........kuwa
..................................................................................................................................................

Amazina n'umukono bya Perezida w'Ibiro by'itora
....................................................................................
..............................................................................................................................................

Amazina n'imikono by'Abahuzabikorwa b'Ibyumba bisubika Ibarura ry'amajwi:

1. .....................................................................................................................................
2. .....................................................................................................................................
3. .....................................................................................................................................
4. .....................................................................................................................................

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

***UMUGEREKA WA 10*: *INYANDIKOMVUGO Y'IBARURA RY'AMAJWI MU CYUMBA CY'ITORA***

Intara ya /Umujyi wa Kigali..............................
Akarere ka...........................................................
Umurenge wa......................................................
Ibiro by'itora.......................................................
Icyumba cy'itora.................................................

Umwaka wa.......................................................ukwezi kwa.........................umunsi wa...................

Twebwe Umuhuzabikorwa w'amatora n'Abaseseri mu Cyumba cy'itora nº..........,

Tumaze gusoza itora no kubarura amajwi y'abatoreye mu Cyumba dushinzwe dusanze:

A. **Ibijyanye n'amatora n'impapuro z'itora:**

| | Gore | Gabo | Bose |
|---|---|---|---|
| 1. Umubare w'abagombaga gutora bari ku ilisiti y'itora y'icyo Cyumba cy'itora: | | | |
| 2. Umubare w'abatoye bari ku ilisiti y'itora y'icyo Cyumba cy'itora: | | | |
| 3. Umubare w'abahatoreye batari ku ilisi y'itora y'icyo Cyumba: | | | |
| 4. Umubare w'abatoye muri icyo Cyumba cy'itora bose: | | | |

5. Umubare w'abatoye neza: [ ]

6. Umubare w'impapuro z'itora zabaye impfabusa: [ ]

7. Umubare w'impapuro zasigaye zidatoreweho: [ ]

**UMUGEREKA *WA 10***: *(Ibikurikira)*

**B. Amajwi Umutwe wa Politiki/Abakandida babonye**

| **Nomero** | **Izina ry'umukandida** | **Amajwi yabonye** | **Ijanisha** |
|---|---|---|---|
| 1 | | | |
| 2 | | | |
| 3 | | | |
| 4 | | | |
| 5 | | | |
| 6 | | | |
| 7 | | | |
| 8 | | | |
| 9 | | | |
| 10 | | | |
| 11 | | | |
| 12 | | | |
| 13 | | | |
| 14 | | | |
| 15 | | | |

**C. Ibibazo byagaragaye mu matora**

Ibibazo byagaragaye mu Cyumba cy'itora bikorerwa inyandiko zihariye zerekana ikibazo n'uburyo cyakemuwe.

Amazina n'umukono by'Umuhuzabikorwa w'amatora mu Cyumba cy'itora (1), ...............................................................................................................................................

Amazina n'imikono by'Abaseseri mu Cyumba cy'itora .......................................................................

1) .......................................................................................................................................

2) .......................................................................................................................................

3) .......................................................................................................................................

4) .......................................................................................................................................

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

**<u>UMUGEREKA WA 11</u>: INYANDIKOMVUGO Y'IHUZWA RY'AMAJWI KU BIRO BY'ITORA**

Intara ya/Umujyi wa Kigali............................
Akarere ka......................................................
Umurenge wa..................................................
Ibiro by'itora..................................................

Umwaka wa.....................................................ukwezi kwa.........................umunsi wa..................
Twebwe Perezida w'Ibiro by'itora bya .......................................................................................,
Tumaze gusoza itora no kubarura amajwi y'abatoreye mu Byumba by'itora byose dusanze:

A. **Ibijyanye n'amatora n'impapuro z'itora:**

1. Umubare w'abagombaga gutora bari ku ilisiti y'itora: Gore [ ] Gabo [ ] Bose [ ]
2. Umubare w'abatoye bari ku ilisiti y'itora: Gore [ ] Gabo [ ] Bose [ ]
3. Umubare w'abahatoreye batari ku ilisi y'itora: Gore [ ] Gabo [ ] Bose [ ]
4. Umubare w'abatoye bose: Gore [ ] Gabo [ ] Bose [ ]
5. Umubare w'abatoye neza: [ ]
6. Umubare w'impapuro z'itora zabaye impfabusa: [ ]
7. Umubare w'impapuro zasigaye zidatoreweho: [ ]

B. **Amajwi Abakandida babonye**

| Nº | Umutwe wa Politiki/Amazina y'Umukandida | Amajwi yabonye | Ijanisha |
|---|---|---|---|
| 1 | | | |
| 2 | | | |
| 3 | | | |
| 4 | | | |
| 5 | | | |
| 6 | | | |
| 7 | | | |
| 8 | | | |
| 9 | | | |
| 10 | | | |

Amazina n'umukono bya Perezida w'Ibiro by'itora
...................................................................................................

## UMUGEREKA WA 12: INYANDIKOMVUGO Y'IHUZWA RY'AMAJWI KU KARERE

Intara ya/Umujyi wa Kigali ..............................
Akarere ka........................................................

Umwaka wa.....................................................ukwezi kwa.........................umunsi wa...................
Twebwe Umuhuzabikorwa w'amatora mu Karere ka.........,
Tumaze guhuza ibyavuye mu matora mu Biro by'itora byose bigize Akarere dushinzwe dusanze:

A. **Ibijyanye n'amatora n'impapuro z'itora:**

1. Umubare w'abagombaga gutora bari ku ilisiti y'itora: Gore [ ] Gabo [ ] Bose [ ]
2. Umubare w'abatoye bari ku ilisiti y'itora: Gore [ ] Gabo [ ] Bose [ ]
3. Umubare w'abatoye bose: Gore [ ] Gabo [ ] Bose [ ]
4. Umubare w'abatoye neza: [ ]
5. Umubare w'impapuro z'itora zabaye impfabusa: [ ]
6. Umubare w'impapuro zasigaye zidatoreweho: [ ]

**B. Amajwi Abakandida babonye**

| Nº | Amazina y'Umutwe wa Politiki/Umukandida | Amajwi yabonye | Ijanisha |
|---|---|---|---|
| 1 | | | |
| 2 | | | |
| 3 | | | |
| 4 | | | |
| 5 | | | |
| 6 | | | |
| 7 | | | |
| 8 | | | |
| 9 | | | |

Amazina n'umukono by'Umuhuzabikorwa w'amatora ku Karere: .......................................................

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

***<u>UMUGEREKA WA 13</u>: INYANDIKOMVUGO Y'IHUZWA RY'AMAJWI KU RWEGO RW'IGIHUGU***

Umwaka wa......................................................ukwezi kwa.........................umunsi wa..................
Twebwe Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora,
Tumaze guhuza ibyavuye mu matora mu Turere twose tw'Igihugu no mu mahanga, dusanze:

A. **Ibijyanye n'amatora n'impapuro z'itora:**

| | Gore | Gabo | Bose |
|---|---|---|---|
| 1. Umubare w'abagombaga gutora: | | | |
| 2. Umubare w'abatoye: | | | |

3. Umubare w'abatoye neza: [ ]

4. Umubare w'impapuro z'itora zabaye impfabusa: [ ]

5. Umubare w'impapuro zasigaye zidatoreweho: [ ]

**B. Amajwi Umutwe wa Politiki/Umukandida wigenga babonye**

| N$^{o}$ | Amazina Umutwe wa Politiki /Umukandida wigenga | Amajwi yabonye | Ijanisha |
|---|---|---|---|
| | | | |
| 1. | | | |
| 2. | | | |
| 3. | | | |
| 4. | | | |
| 5. | | | |
| 6. | | | |
| 7. | | | |
| 8. | | | |
| 9. | | | |
| 10. | | | |
| 11. | | | |
| 12. | | | |

Amazina n'umukono bya Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora :

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

***<u>UMUGEREKA WA 14</u>: INYANDIKOMVUGO Y'IBARURA/IHUZWA RY'AMAJWI MU MATORA AZIGUYE***

**ICYICIRO CY'ABADEPITE: ..................................................................................**

Intara ya/Umujyi wa Kigali ...............................................................................
Akarere ka........................................................ Umurenge................................................

Icyumba cya ...................................Ibiro bya.................................Akarere ka.......................

Umwaka wa......................................................ukwezi kwa.........................umunsi wa.....................

Twebwe Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora,

Tumaze guhuza ibyavuye mu matora mu Turere twose tw'Igihugu no mu mahanga, dusanze:

**A. Ibijyanye n'amatora n'impapuro z'itora:**

| | Gore | Gabo | Bose |
|---|---|---|---|
| 6. Umubare w'abagombaga gutora: | | | |

| | Gore | Gabo | Bose |
|---|---|---|---|
| 7. Umubare w'abatoye: | | | |

8. Umubare w'abatoye neza: [ ]

9. Umubare w'impapuro z'itora zabaye impfabusa: [ ]

10. Umubare w'impapuro zasigaye zidatoreweho: [ ]

**B. Amajwi Umutwe wa Politiki/Abakandida babonye**

| Nº | Amazina Umutwe wa Politiki /Umukandida | Amajwi yabonye | Ijanisha |
|---|---|---|---|
| | | | |
| 1. | | | |
| 2. | | | |
| 3. | | | |
| 4. | | | |
| 5. | | | |
| 6. | | | |
| 7. | | | |
| 8. | | | |
| 9. | | | |
| 10. | | | |

## Umuhuzabikorwa ku rwego rwa..............................................................

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

***UMUGEREKA WA 15: INYANDIKOMVUGO KU BANYURANIJE N'AMATEGEKO N'AMABWIRIZA***

Umwaka wa......................................................ukwezi kwa.........................umunsi wa...................

Twebwe, Perezida w'Ibiro by'itora bya..........................................................................................

Tumaze kubona ko .................................................................mwene..........................................na

.......................................... ufite nomero y'ikarita ndangamuntu no..............................................

n‟ikarita y'itora no-------------------------------------- yakoze ibi bikurikira:

1.......................................................................................................................................;

2.......................................................................................................................................;

3.......................................................................................................................................;

4.......................................................................................................................................

Dusanze ibi bikorwa bihungabanya cyangwa bishobora guhungabanya igikorwa cy'itora, bityo tukaba dusaba Abashinzwe umutekano babifite mu nshingano zabo gukurikirana..........................................................................................................................

...............................................................................................................................................

Amazina n'umukono bya Perezida w'Ibiro by'itora: .............................................................................

Amazina n'imikono by'abatangabuhamya (barimo nibura umwe mu bayobora itora)

1...............................................................................................................................................

2...............................................................................................................................................

3...............................................................................................................................................

4...............................................................................................................................................

**AMABWIRIZA YA MINISITIRI N°002 YO KU WA 26/06/2018 AREBANA N'AMASHYAMBA**

**MINISTERIAL INSTRUCTIONS Nº002 OF 26/06/2018 ON FORESTS**

**INSTRUCTIONS MINISTERIELLES N°002 DU 26/06/2018 RELATIVES AUX FORETS**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije**

**UMUTWE WA II: GUTEGURA IGENAMIGAMBI RYO GUTUNGANYA AMASHYAMBA**

**Ingingo 2: Igenamigambi ryo gutunganya amashyamba ku rwego rw'Igihugu**

**Ingingo ya 3: Uko igenamigambi ryo gutunganya amashyamba ku rwego rw'Igihugu rikorwa**

**Ingingo ya 4: Ibishingirwaho mu gutegura igenamigambi ryo gutunganya amashyamba ku rwego rw'Igihugu**

**UMUTWE WA III: IMICUNGIRE Y'AMASHYAMBA Y'ABANTU**

**Ingingo ya 5: Urutonde rw'amashyamba y'abantu**

**Ingingo ya 6: Ivugururwa ry'urutonde**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of these instructions**

**CHAPTER II: PREPARATION OF FOREST MANAGEMENT PLAN**

**Article 2: National forest management plan**

**Article 3: Procedure for preparing a national forest management plan**

**Article 4: Criteria for preparations of a national forest management plan**

**CHAPTER III: MANAGEMENT OF PRIVATE FORESTS**

**Article 5: List of private forests**

**Article 6: Updating the list**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Objet du présent instructions**

**CHAPITRE II: PREPARATION DU PLAN D'AMENAGEMENT FORESTIER**

**Article 2: Plan national d'aménagement forestier**

**Article 3: Procédure du plan national d'aménagement forestier**

**Article 4: Critères pour la préparation du plan national d'aménagement forestier**

**CHAPITRE III: GESTION DES FORETS DES PARTICULIERS**

**Article 5: Liste des forêts des particuliers**

**Article 6: Mise à jour de la liste**

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 7</u>: Imirimo ikorerwa amashyamba** | **<u>Article 7</u>: Silvicultural practices** | **<u>Article 7</u>: Pratiques sylvicoles** |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Inshingano za nyir'ishyamba** | **<u>Article 9</u>: Duties of a forest owner** | **<u>Article 9</u>: Attributions d'un propriétaire d'une forêt** |
| **<u>Ingingo 10</u>: Udushyamba duto twegereye imirima ihingwa** | **<u>Article 10</u>: Woodlots in farmland neighborhood** | **<u>Article 10</u>: Petites forêts voisines des terres agricoles** |
| **<u>UMUTWE WA IV</u>: IMIRONGO NGENDERWAHO MU GUHITAMO IBITI BIVANGWA N'IMYAKA N'UBURYO BIKORWAMO** | **<u>CHAPTER IV</u>: GUIDELINES FOR SELECTION OF AGROFORESTRY TREE SPECIES AND MODALITIES FOR IMPLEMENTATION** | **<u>CHAPITRE IV</u>: DIRECTIVES POUR LA SELECTION D'ARBRES AGROFORESTIERS ET LES MODALITES D'APPLICATION** |
| **<u>Ingingo 11</u>: Aho umurama w'imbuto uturuka** | **<u>Article 11</u>: Sources of trees seeds** | **<u>Article 11</u>: Origine des graines d'arbres** |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Ibiranga ibiti bivangwa n'imyaka** | **<u>Article 12</u>: Characteristics of agroforestry trees** | **<u>Article 12</u>: Caractéristiques des arbres agroforestiers** |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Guhitamo ibiti bivangwa n'imyaka** | **<u>Article 13</u>: Selection of agroforestry trees** | **<u>Article 13</u>: Sélection des arbres agroforestiers** |
| **<u>Ingingo 14</u>: Ibiti gakondo bivangwa n'imyaka** | **<u>Article 14</u>: Indigenous agroforestry trees** | **<u>Article 14</u>: Arbres agroforestiers indigènes** |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Aho ibiti bivangwa n'imyaka biterwa** | **<u>Article 15</u>: Places for planting agroforestry trees** | **<u>Article 15</u>: Lieux de plantation des arbres agroforestiers** |
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Uburyo bwo gutera ibiti bivangwa n'imyaka** | **<u>Article 16</u>: Modalities of planting agroforestry trees** | **<u>Article 16</u>: Modalités de plantation des arbres agroforestiers** |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Gukorera ibiti bivangwa n'imyaka** | **<u>Article 17</u>: Agroforestry silivicultural practices** | **<u>Article 17</u>: Pratiques sylvicoles agroforestières** |

**UMUTWE WA V: UBURYO BWO GUSARURA ISHYAMBA RIRI MU KARERE K'UBUHUMEKERO BWA PARIKI**

**Ingingo ya 18: Ishyamba ryo mu karere k'ubuhumekero bwa pariki rishobora gusarurwa**

**Ingingo ya 19: Isuzumangaruka ku bidukikije mu gusarura ishyamba riri mu karere k'ubuhumekero bwa pariki**

**Ingingo ya 20: Ibisabwa mbere yo gusarura ishyamba riri mu karere k'ubuhumekero bwa pariki**

**Ingingo ya 21: Gusigasira ibiti bya cyimeza bigize pariki**

**Ingingo ya 22: Ibikoresho byifashishwa mu gusarura ishyamba**

**Ingingo ya 23: Kumenyesha ubuyobozi bw'Akarere**

**UMUTWE WA VI: GUSARURA AMASHYAMBA YO MU NKENGERO Z'IMIGEZI, INZUZI N'IBIYAGA**

**Ingingo 24: Impamvu zishobora gutuma ishyamba ryo ku nkengero y'umugezi, uruzi cyangwa ikiyaga risarurwa**

**Ingingo ya 25: Ibisabwa kugira ngo ishyamba riteye ku nkengero y'umugezi, uruzi cyangwa ikiyaga risarurwe**

**CHAPTER V: MODALITIES FOR HARVESTING A FOREST IN THE BUFFER ZONE OF A PARK**

**Article 18: Forest in the buffer zone of a park that may be harvested**

**Article 19: Environmental impact assessment in harvesting of a forest in the buffer zone of the park**

**Article 20: Requirements before harvesting a forest in the buffer zone of the park**

**Article 21: Conservation of natural trees in the park**

**Article 22: Equipment used to harvest a forest**

**Article 23: Notification to the District authority**

**CHAPTER VI: HARVESTING OF FORESTS ALONG THE SHORES OF STREAMS, RIVERS AND LAKES**

**Article 24: Reasons that may prompt harvesting a forest along the shores of a stream, a river or a lake**

**Article 25: Requirements for harvesting a forest along the shores of a stream, a river or a lake**

**CHAPITRE V: MODALITES DE RECOLTER UNE FORET DANS LA ZONE TAMPON DE PARC**

**Article 18: Forêt qui peut être récoltée dans la zone tampon de parc**

**Article 19: Etude de l'impact environnemental lors de la récolte d'une forêt dans la zone tampon de parc**

**Article 20: Conditions requises avant la récolte d'une forêt dans la zone tampon de parc**

**Article 21: Conservation des arbres naturels dans le parc**

**Article 22: Equipement utilisé pour récolter une forêt**

**Article 23: Notification aux autorités du District**

**CHAPITRE VI: RECOLTE DES FORETS DES RIVES DE RUISSEAUX, DE RIVIERES ET DE LACS**

**Article 24: Causes qui peuvent provoquer la récolte d'une forêt le long des rives d'un ruisseau, d'une rivière ou d'un lac**

**Article 25: Conditions requises pour la récolte d'une forêt plantée le long des rives d'un ruisseau, d'une rivière ou d'un lac**

**Ingingo ya 26: Kubungabunga amazi y'imigezi, inzuzi n'ibiyaga**

**UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 27: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza**

**Ingingo ya 28: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa**

**Article 26: Conservation of waters of streams, rivers and lakes**

**CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS**

**Article 27: Repealing provision**

**Article 28: Commencement**

**Article 26: Conservation des eaux de ruisseaux, de rivières et de lacs**

**CHAPITRE VII: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 27: Disposition abrogatoire**

**Article 28: Entrée en vigueur**

**AMABWIRIZA YA MINISITIRI N°002 YO KU WA 26/06/2018 AREBANA N'AMASHYAMBA**

**Minisitiri w'Ubutaka n'Amashyamba;**

Ashingiye ku Itegeko nº 47*bis*/2013 ryo ku wa 28/06/2013 rigena imicungire n'imikoreshereze y'amashyamba mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 7, iya 11, iya17 n'iya 38;

**ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:**

**<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo aya mabwiriza agamije**

Aya mabwiriza yerekeranye na:

1° itegurwa ry'igenamigambi ryo gutunganya amashyamba ku rwego rw'Igihugu;

2° imicungire y'amashyamba y'abantu atarengeje hegitari ebyiri (2 ha);

3° gushyiraho imirongo ngenderwaho mu guhitamo ibiti bivangwa n'imyaka n'uburyo bikorwa;

4° uburyo bwo gusarura amashyamba yo mu karere k'ubuhumekero bwa za parike;

**MINISTERIAL INSTRUCTIONS Nº002 OF 26/06/2018 ON FORESTS**

**The Minister of Lands and Forestry;**

Pursuant to Law nº 47*bis*/2013 of 28/06/2013 determining the management and utilisation of forests in Rwanda, especially in Articles 7, 11, 17 and 38;

**HEREBY ISSUES THE FOLLOWING INSTRUCTIONS:**

**<u>CHAPTER ONE</u>: GENERAL PROVISIONS**

**<u>Article One</u>: Purpose of these instructions**

These instructions are relating to:

1° preparation of a national forest management plan;

2° the management of private forests not exceeding two hectares (2 ha);

3° establishment of guidelines for selection of agroforestry tree species and determining application modalities;

4° modalities for harvesting forests in the buffer zones of parks;

**INSTRUCTIONS MINISTERIELLES N°002 DU 26/06/2018 RELATIVES AUX FORETS**

**Le Ministre des Terres et des Forêts;**

Vu la Loi nº 47*bis*/2013 du 28/06/2013 régissant la gestion et utilisation des forêts au Rwanda, spécialement en ses articles 7, 11, 17 et 38;

**DONNE DES INSTRUCTIONS SUIVANTES:**

**<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS GENERALES**

**<u>Article premier</u>: Objet du présent instructions**

Les présents instructions sont relatives à:

1° la préparation du plan national d'aménagement forestier;

2° la gestion des forêts privées ne dépassant pas deux hectares (2 ha);

3° la mise en place des lignes directrices pour la sélection des espèces d'arbres agroforestiers et détermination des modalités d'application;

4° les modalités de la récolte des forêts dans des zones tampons des parcs;

5° uburyo bwo gusarura amashyamba yo mu nkengero z'imigezi, inzuzi n'ibiyaga.

**UMUTWE WA II: GUTEGURA IGENAMIGAMBI RYO GUTUNGANYA AMASHYAMBA**

**Ingingo 2: Igenamigambi ryo gutunganya amashyamba ku rwego rw'Igihugu**

Ikigo gishinzwe guteza imbere amashyamba gitegura igenamigambi ryo gutunganya amashyamba ku rwego rw'Igihugu.

Igenamigambi ryo gutunganya amashyamba ku rwego rw'Igihugu rishingira ku:

1° ibarura ry'amashyamba mu Gihugu;

2° ikarita igaragaza amashyamba mu Gihugu.

**Ingingo ya 3: Uko igenamigambi ryo gutunganya amashyamba ku rwego rw'Igihugu rikorwa**

Igenamigambi ry'amashyamba ku rwego rw'Igihugu rishyiraho imirongo migari igenderwaho mu gucunga amashyamba mu Gihugu ku buryo burambye mu gihe cy'imyaka icumi (10) ndetse n'intego zigaragaza ishusho y'amashyamba muri iyo myaka icumi (10).

Igenamigambi ry'amashyamba ku rwego rw'Igihugu rishyira mu byiciro amashyamba hashingiwe ku musaruro uyategerejweho

5° modalities for harvesting forests along the shores of streams, rivers and lakes.

**CHAPTER II: PREPARATION OF FOREST MANAGEMENT PLAN**

**Article 2: National forest management plan**

The Authority in charge of development of forests prepares the national forest management plan.

Preparation of national forest management plan is based on:

1° the national forest inventory;

2° the national forest cover map.

**Article 3: Procedure for preparing a national forest management plan**

The national forest management plan sets up broad guidelines for sustainable management of national forests for a period of ten (10) years and sets objectives that describe the picture of forestry within the ten (10) years.

The national forest management plan categorises forests on the basis of expected production and determines required needs to

5° les modalités de la récolte des forêts le long des rives de ruisseaux, de rivières et de lacs

**CHAPITRE II: PREPARATION DU PLAN D'AMENAGEMENT FORESTIER**

**Article 2: Plan national d'aménagement forestier**

L'Office ayant le développement des forêts dans ses attributions prépare le plan national d'aménagement forestier.

La préparation du plan national d'aménagement forestier est basée sur:

1° l'inventaire forestier national;

2° la carte de la couverture forestière nationale.

**Article 3: Procédure du plan national d'aménagement forestier**

Le plan national d'aménagement forestier donne les grandes lignes directrices d'aménagement durable des forêts nationales pour une période de dix (10) ans et détermine les objectifs qui décrivent l'image de la foresterie dans ces dix (10) ans.

Le plan national d'aménagement forestier catégorise les forêts sur base de la production attendue et détermine les besoins requis pour

rikanagaragaza ibikenewe kugira ngo ugerweho.

Ku mashyamba yagenewe kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima, igenamigambi ry'amashyamba ku rwego rw'Igihugu riteganya uburyo bikoreshwa kandi bikarindwa.

Ku mashyamba y'amaterano yagenewe gusarurwa, igenamigamigambi riteganya ingano n'ubwoko bw'ibikomoka ku mashyamba bikenewe n'abaturage.

**<u>Ingingo ya 4</u>: Ibishingirwaho mu gutegura igenamigambi ryo gutunganya amashyamba ku rwego rw'Igihugu**

Igenamigambi ry'amashyamba ry'igihugu:

1º rishyira amashyamba mu byiciro byo kuyatunganya hashingiwe ku bwoko bw'ibiyakomokaho bikenewe ndetse hakagaragazwa imirongo migari yo mu rwego rwa tekiniki ishingirwaho kugira ngo umusaruro ugerweho;

2º rishimangira ihame ryo gukoresha amoko anyuranye mu iterwa cyangwa isarurwa ry'amashyamba yangiritse kugira ngo hongerwe uburumbuke n'umusaruro;

3º rishyiraho imirongo migari yerekana uruhare rw'abikorera mu micungire y'amashyamba ya Leta n'ay' Akarere no kongera agaciro k'umusaruro wayo;

achieve the production.

In terms of forests that were designated to preserve the biodiversity, the national forest management plan determines ways of utilisation and conservation of the biodiversity.

In terms of forest plantations designated for harvesting, the national forest management plan determines expected quantities and nature of forest products for population needs.

**<u>Article 4</u>: Criteria for preparations of a national forest management plan**

The national forest management plan:

1º puts forests into management units on the basis of each type of the required product and shows broad technical guidelines for achievement of the production;

2º emphasises the principle of using species diversification in afforestation or rehabilitation of degraded forests for increased productivity and production;

3º sets broad lines to indicate the participation of private operators in the management of State and District forests and the value addition to forest

atteindre cette production.

En ce qui concerne les forêts désignées pour préserver la biodiversité, le plan national d'aménagement forestier détermine les moyens d'utilisation et de conservation de la biodiversité.

En ce qui concerne les plantations forestières destinées à être récoltées le plan national d'aménagement forestier détermine la quantité et la nature des produits forestiers pour les besoins de la population.

**<u>Article 4</u>: Critères pour la préparation du plan national d'aménagement forestier**

Le plan national d'aménagement forestier:

1º groupe les forêts dans les unités d'aménagement sur base de chaque type de production requise et indique les grandes lignes techniques pour atteindre la production;

2º renforce le principe d'utiliser la diversification des espèces en boisement ou en réhabilitation des boisements dégradés pour augmenter la fertilité et production;

3º met en place les grandes lignes pour montrer la participation des opérateurs privés dans la gestion des forêts de l'Etat et du District ainsi que la valeur

4º rigaragaza uko amashyamba y'abantu agomba gucungwa muri rusange akabyazwa umusaruro munini.

**UMUTWE WA III: IMICUNGIRE Y'AMASHYAMBA Y'ABANTU**

**Ingingo ya 5: Urutonde rw'amashyamba y'abantu**

Buri Murenge ugomba kugira urutonde rugaragaza amashyamba y'abantu atarengeje hegitari ebyiri (2 ha) ari mu ifasi yawo. Urwo rutonde rugaragaza ibi bikurikira:

1° nyir'ishyamba;
2° amoko y'ibiti ayagize;
3° ikigereranyo cy'ubuso;
4° Akagari n'Umudugudu ishyamba riherereyemo.

**Ingingo ya 6: Ivugururwa ry'urutonde**

Urutonde ruvugururwa nyuma ya buri myaka itanu (5) n'ikindi gihe cyose bibaye ngombwa.

**Ingingo ya 7: Imirimo ikorerwa amashyamba**

Nyir'ishyamba agomba gukora imirimo igamije kurwanya isuri, inkongi z'imiriro, indwara n'ibyonnyi.

products;

4º shows how private forests must be managed in general for higher production.

**CHAPTER III: MANAGEMENT OF PRIVATE FORESTS**

**Article 5: List of private forests**

Each Sector must have a list of private forests whose area does not exceed two hectares (2 ha) within its territorial jurisdiction. The list indicates the following:

1° the forest owner;
2° tree species;
3° estimated area;
4° Cell and Village where the forest is located.

**Article 6: Updating the list**

The list is updated after every five (5) years and whenever it is necessary.

**Article 7: Silvicultural practices**

The forest owner must practice activities to fight against soil erosion, fire hazards, diseases and pests.

ajoutée à des produits forestiers;

4º indique comment les forêts des particuliers peuvent être gérées en général pour une production plus élevée.

**CHAPITRE III: GESTION DES FORETS DES PARTICULIERS**

**Article 5: Liste des forêts des particuliers**

Chaque Secteur doit avoir une liste des forêts des particuliers dont la superficie ne dépasse pas deux hectares (2 ha) dans son ressort. La liste indique ce qui suit:

1° le propriétaire de la forêt;
2° les espèces d'arbres;
3° la superficie estimée;
4° la Cellule et le Village où la forêt se trouve.

**Article 6: Mise à jour de la liste**

La liste est mise à jour tous les cinq (5) ans et chaque fois que nécessaire.

**Article 7: Pratiques sylvicoles**

Le propriétaire d'une forêt doit pratiquer des activités visant à lutter contre l'érosion du sol, les risques d'incendie, les maladies et les ravageurs.

Mu gihe ishyamba ari ibishibu, hatoranywamo byibura ibishibu bitatu (3) bimeze neza bigomba kuba aribyo bisigara ku gishyitsi ibindi bigakurwaho.

**Ingingo ya 9: Inshingano za nyir'ishyamba**

Nyir'ishyamba afite inshingano zikurikira:

1° gucukura imiringoti no kugabanya isaso mu ishyamba, aho biri ngombwa;

2° kwicira ishyamba ahereye ku biti birwaye, ibigoramye ndetse n'ibifite amashami manini kugira ngo ibiti bikure mu bwiza no mu mubyimba;

3° guhita yongera gutera ibindi biti, iyo arisaruye kandi rigizwe n'ibiti bidashibuka;

4° gutanga raporo ku dukoko n'uburwayi bigaragara mu ishyamba ku nzego z'ubuyobozi bw'Umurenge.

**Ingingo 10: Udushyamba duto twegereye imirima ihingwa**

Mu gihe ishyamba rito riri hagati cyangwa ryegereye imirima ihingwa, ibiti byo ku mbibi z'ishyamba bigomba kuba biri kuri metero enye (4m) uturutse ku murima bihana imbibi. Uwo mwanya usigaye ugomba guterwamo ibiti bitangiza imyaka.

For coppicing trees, at least three (3) healthy offshoots must be selected to remain on the stump after pruning.

**Article 9: Duties of a forest owner**

The forest owner has the following duties:

1° to establish ditches and reduce the litter in the forest, where necessary;

2° to make thinning starting from the diseased, abnormal trees and those with large branches in order to improve quality and volume of trees;

3° to immediately afforest after harvesting, for a forest which does not reject;

4° to submit a report on pests and diseases found in the forest to the Sector authorities.

**Article 10: Woodlots in farmland neighborhood**

In case a woodlot neighbors a farmland, there must be four (4m) meters distance between farm land and the forest boundaries. Agroforestry must be practiced in that remaining area.

Pour le taillis, au moins trois (3) rejets sains doivent rester sur la souche après l'élagage.

**Article 9: Attributions d'un propriétaire d'une forêt**

Le propriétaire d'une forêt a les attributions suivantes:

1° établir des fossés anti-érosifs et réduire la litière dans la forêt, le cas échéant;

2° faire l'éclaircie en commençant par les arbres malades, anormaux et ceux avec de grandes branches pour améliorer la qualité et le volume des arbres;

3° reboiser immédiatement après la récolte, pour une forêt qui ne rejette pas;

4° soumettre un rapport sur les ravageurs et les maladies identifiées dans la forêt aux autorités du Secteur.

**Article 10: Petites forêts voisines des terres agricoles**

Dans le cas où une petite forêt est voisine des terres agricoles, il doit y avoir quatre (4m) mètres de distance entre les terres agricoles et les limites de la forêt. Cette partie restante doit contenir des arbres agroforestiers.

**UMUTWE WA IV: IMIRONGO NGENDERWAHO MU GUHITAMO IBITI BIVANGWA N'IMYAKA N'UBURYO BIKORWAMO**

**Ingingo 11: Aho umurama w'imbuto uturuka**

Umuntu wese ushaka umurama w'ibiti agomba gukoresha imirama itangwa n'ikigo cy'Igihugu gishinzwe imirama y'ibiti cyangwa undi muntu wese cyabihereye uburenganzira.

**Ingingo ya 12: Ibiranga ibiti bivangwa n'imyaka**

Ibiti bivangwa n'imyaka birangwa n'ibi bikurikira:

1° kuba bifite ubushobozi bwo kurumbura ubutaka;

2° kuba bitabangamira cyane ibihingwa ku rumuri rw'izuba n'imyunyu ngugu;

3° kuba ari igiti gifite akamaro karenze kamwe.

Umurima uba uteyemo ibiti bikwiye iyo uteyemo ibiti bishobora kugira amashami atwikiriye nibura gatanu ku ijana (5%) by'umurima wose igihe bikuze.

**CHAPTER IV: GUIDELINES FOR SELECTION OF AGROFORESTRY TREE SPECIES AND MODALITIES FOR IMPLEMENTATION**

**Article 11: Sources of trees seeds**

Any person who wants tree seeds must use the seeds distributed by the national tree seeds center or by any other person authorised by the same center.

**Article 12: Characteristics of agroforestry trees**

Agroforestry trees are characterised by:

1° having the ability to improve on soil fertility;

2° low levels of competition for sunlight and mineral salts with other crops;

3° being a multipurpose tree.

A farmland is considered as agroforestry land when the trees therein planted may have a canopy that covers at maturity at least five percent (5%) of total area.

**CHAPITRE IV: DIRECTIVES POUR LA SELECTION D'ARBRES AGROFORESTIERS ET LES MODALITES D'APPLICATION**

**Article 11: Origine des graines d'arbres**

Toute personne qui veut des graines d'arbres doit utiliser les graines distribuées par le centre national de semences forestières ou toute autre personne autorisée par le même centre.

**Article 12: Caractéristiques des arbres agroforestiers**

Les arbres agroforestiers sont caractérisés par:

1° avoir la capacité d'améliorer la fertilité du sol;

2° faible niveau de concurrence sur la lumière du soleil et des sels minéraux avec d'autres cultures;

3° être un arbre à usages multiples.

Un terrain agricole est sous agroforesterie lorsque le canopé des arbres à maturité peut couvrir au moins cinq pour cent (5%) de toute la superficie.

**Ingingo ya 13: Guhitamo ibiti bivangwa n'imyaka**

Guhitamo ibiti bivangwa n'imyaka bikorwa hakurikijwe ibi bikurikira:

1° kuba biberanye n'akarere bizaterwamo;

2° ibiti bikundwa n'abahinzi n'aborozi;

3° ibiti bituburwa mu buryo bworoshye.

**Ingingo 14: Ibiti gakondo bivangwa n'imyaka**

Ibiti gakondo bivangwa n'imyaka bigomba kwitabwaho by'umwihariko bigaterwa aho bishoboka.

**Ingingo ya 15: Aho ibiti bivangwa n'imyaka biterwa**

Ibiti bivangwa n'imyaka biterwa ku miringoti no ku nkengero z'amaterasi.

Mu rwuri hagomba guterwa ibiti bitanga igicucu ku matungo, ibiti birumbura ubutaka cyangwa bitanga ubwatsi bw'amatungo.

**Ingingo ya 16: Uburyo bwo gutera ibiti bivangwa n'imyaka**

Ibiti bivangwa n'imyaka bishobora guterwa ku mirongo cyangwa binyanyagiye.

**Article 13: Selection of agroforestry trees**

Agroforestry trees are selected based on the following:

1° adaptability of trees to the agro-ecological zones;

2° trees preferred by farmers;

3° trees that are easy to multiply.

**Article 14: Indigenous agroforestry trees**

Indigenous agroforestry trees must be accorded special attention and be planted wherever they can grow up.

**Article 15: Places for planting agroforestry trees**

Agroforestry trees are planted on anti-erosion ditches and terraces slopes

Agroforestry trees that provide shade for animals, improve soil fertility or used as fodder must be planted on pasture land.

**Article 16: Modalities of planting agroforestry trees**

Agroforestry trees may be planted either in lines or scattered.

**Article 13: Sélection des arbres agroforestiers**

Les arbres agroforestiers sont sélectionnés sur base de ce qui suit:

1° adaptabilité des arbres aux zones agro-écologiques;

2° les arbres préférés par les agriculteurs;

3° les arbres faciles à produire.

**Article 14: Arbres agroforestiers indigènes**

Les arbres agroforestiers indigènes doivent être accordés une attention particulière et plantés partout où ils peuvent grandir.

**Article 15: Lieux de plantation des arbres agroforestiers**

Les arbres agroforestiers sont plantés sur les fossés anti érosifs et sur les talus des terrasses.

Les arbres agroforestiers qui apportent l'ombrage aux bétails, améliorent la fertilité du sol ou utilisés comme fourrages doivent être plantés dans les pâturages.

**Article 16: Modalités de plantation des arbres agroforestiers**

Les arbres agroforestiers peuvent être plantés soit en lignes soit dispersés.

Ku mbibi z'imirima yadikanyije, ibiti biterwa mu rubibi iyo ba nyir'imirima bose babyumvikanyeho.

Mu nzuri, ibiti bishobora guterwa binyanyagiye hagati mu rwuri cyangwa ku mirongo bagabanya inzuri mo ibice cyangwa bagaragaza imbibi zazo.

**Ingingo ya 17: Gukorera ibiti bivangwa n'imyaka**

Nyir'irishyamba agomba kugabanyiriza amashami n'imizi ibiti bivangwa n'imyaka aho biri ngombwa mu rwego rwo kubirinda kubangamira ibihingwa.

**UMUTWE WA V: UBURYO BWO GUSARURA ISHYAMBA RIRI MU KARERE K'UBUHUMEKERO BWA PARIKI**

**Ingingo ya 18: Ishyamba ryo mu karere k'ubuhumekero bwa pariki rishobora gusarurwa**

Ishyamba riri mu karere k'ubuhumekero bwa pariki rishobora gusarurwa ni iryujuje ibi bikurikira:

1° kuba ari ishyamba ry'iriterano;
2° kuba rikikije pariki;
3° kuba rifite imbibi zigenwa n'itegeko rishyiraho iyo pariki.

On boundaries of land owned by different farmers, planting agroforestry trees should be agreed upon by all parties.

In pasture land, agroforestry trees are planted either scattered or in lines separating plots or land boundaries.

**Article 17: Agroforestry silivicultural practices**

The owner of the forest must prune branches and roots of agroforestry trees where necessary to prevent them from competing for nutrients with crops.

**CHAPTER V: MODALITIES FOR HARVESTING A FOREST IN THE BUFFER ZONE OF A PARK**

**Article 18: Forest in the buffer zone of a park that may be harvested**

A forest in the buffer zone of a park that may be harvested must fulfill the following:

1° being an artificial forest;
2° being a forest that surrounds a national park;
3° being a forest that has boundaries defined by the law that establishes that park.

Sur les limites des terres appartenant à différents agriculteurs, la plantation d'arbres agroforestiers dans les limites devrait être convenue par les deux parties.

Dans des pâturages, les arbres agroforestiers sont plantés de manière dispersée ou en ligne délimitant des parcelles ou pâturages.

**Article 17: Pratiques sylvicoles agroforestières**

Le propriétaire de la forêt doit tailler les branches et les racines des arbres agroforestiers, le cas échéant, pour les prévenir de la concurrence des éléments nutritifs avec les cultures.

**CHAPITRE V: MODALITES DE RECOLTER UNE FORET DANS LA ZONE TAMPON DE PARC**

**Article 18: Forêt qui peut être récoltée dans la zone tampon de parc**

Une forêt dans la zone tampon de parc qui peut être récoltée doit remplir les conditions suivantes:

1° être une forêt artificielle;
2° être située autour de parc;
3° avoir les limites définies par la loi portant création de ce parc.

**Ingingo ya 19: Isuzumangaruka ku bidukikije mu gusarura ishyamba riri mu karere k'ubuhumekero bwa pariki**

Mbere yo gusarura ishyamba rigize ubuhumekero bwa pariki hagomba kubanza gukorwa inyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije.

Gusarura ishyamba riri mu karere k'ubuhumekero bwa pariki bigomba gukorwa ku buryo butangiza ubutaka n'amasoko y'amazi.

**Ingingo ya 20: Ibisabwa mbere yo gusarura ishyamba riri mu karere k'ubuhumekero bwa pariki**

Nta shyamba ryo mu karere k'ubuhumekero bwa pariki rishobora gusarurwa ridafite igenamigambi ryo kuricunga.

Gusarura ishyamba riri mu karere k'ubuhumekero bwa pariki ntibigomba kubangamira pariki.

Urwego rutanga uruhushya rugomba guteganya ko ahasaruwe hagomba kuba hamaze guterwa mu gihembwe cy'itera ry'amashyamba gikurikira iryo sarura.

**Ingingo ya 21: Gusigasira ibiti bya cyimeza bigize pariki**

Usarura ishyamba riri mu karere k'ubuhumekero bwa pariki agomba gukoresha uburyo butabangamira imibereho

**Article 19: Environmental impact assessment in harvesting of a forest in the buffer zone of the park**

Environmental impact assessment must be conducted before harvesting forest in the buffer zone of the park.

Harvesting a forest in the buffer zone of the park must be carried out in a manner that ensures the protection of the soil and water sources.

**Article 20: Requirements before harvesting a forest in the buffer zone of the park**

No forest in the buffer zone of the park may be harvested without a management plan.

Harvesting a forest in the buffer zone of the park shall not threaten the conservation of the park.

The authority that issues the harvesting permit must ensure that the harvested area is afforested in the next planting season.

**Article 21: Conservation of natural trees in the park**

A person who harvests a forest in the buffer zone of the park is required to use technics that do not harm the biodiversity.

**Article 19: Etude de l'impact environnemental lors de la récolte d'une forêt dans la zone tampon de parc**

L'étude d'impact environnemental doit être menée avant la récolte d'une forêt dans la zone tampon de parc.

La récolté d'une forêt dans la zone tampon de parc doit être effectuée de manière à assurer la protection du sol et des sources d'eau.

**Article 20: Conditions requises avant la récolte d'une forêt dans la zone tampon de parc**

Aucune forêt dans la zone tampon de parc ne peut pas être récoltée sans le plan d'aménagement.

La récolte de la forêt dans la zone tampon de parc ne doit pas menacer la conservation de parc.

L'autorité qui octroie le permit de récolte doit s'assurer que la parcelle exploitée est replantée dans la saison de plantation suivante.

**Article 21: Conservation des arbres naturels dans le parc**

Une personne qui récolte une forêt dans la zone tampon de parc doit utiliser les techniques qui ne mettent pas en danger la

y'ibinyabuzima bya pariki.

Igihe cyo gusimbura ishyamba ryasaruwe, hakoreshwa amoko y'ibiti atabangamira ishyamba rya cyimeza ndetse n'urusobe rw'ibinyabuzima.

**Ingingo ya 22: Ibikoresho byifashishwa mu gusarura ishyamba**

Gusarura ishyamba bikorwa hifashishijwe ibikoresho byabugenewe mu gusarura amashyamba yo mu karere k'ubuhumekero bwa za pariki.

Ibikoresho bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bishyirwa mu masezerano yo gusarura hagati y'urwego rutanga uruhushya rwo gusarurara na nyir'ishyamba.

**Ingingo ya 23: Kumenyesha ubuyobozi bw'Akarere**

Urwego rutanga uruhushya rugomba kumenyesha mu nyandiko itangwa ry'uruhushya k'Ubuyobozi bw'Akarere iryo shyamba riherereyemo.

Akarere kagomba gukurikirana iyubahirizwa ry'ibikubiye mu ruhushya rwatanzwe.

During the afforestation of the harvested forest, tree species that do not threaten natural forest as well biodiversity are preferred.

**Article 22: Equipment used to harvest a forest**

Appropriate equipment must be used in harvesting forests in the buffer zone of the parks.

Equipment mentioned in Paragraph One of this Article is provided for in the harvesting agreement between the authority that issues the harvesting permit and the owner of the forest.

**Article 23: Notification to the District authority**

The authority that issues the harvesting permit must, in writing, notify to the District authorities in which the forest is located the issuance of the permit.

The District must monitor the implementation of terms and conditions of the permit.

biodiversité.

Lors du boisement de la forêt récoltée, des espèces d'arbres qui ne menacent pas la forêt naturelle ainsi que la biodiversité sont préférées.

**Article 22: Equipement utilisé pour récolter une forêt**

L'équipement approprié doit être utilisé lors de la récolte d'une forêt dans la zone tampon des parcs.

L'équipement mentionné dans l'alinéa premier du présent article est précisé dans le contrat de récolte entre l'autorité qui octroie le permit de récolte et le propriétaire de la forêt.

**Article 23: Notification aux autorités du District**

L'autorité qui délivre le permis de récolte doit, par écrit, notifier aux autorités du District où se
trouve la forêt la délivrance du permis.

Le District doit faire le suivi de mise en œuvre des termes et conditions de permit octroyé.

**UMUTWE WA VI: GUSARURA AMASHYAMBA YO MU NKENGERO Z'IMIGEZI, INZUZI N'IBIYAGA**

**Ingingo 24: Impamvu zishobora gutuma ishyamba ryo ku nkengero y'umugezi, uruzi cyangwa ikiyaga risarurwa**

Ishyamba riteye ku nkengero y'umugezi iy'uruzi cyangwa ikiyaga rishobora gusarurwa mu gihe bigaragaye ko rishaje, rirwaye, rikeneye gusimburwa cyangwa se indi mpamvu yakwemezwa n'ikigo gifite guteza imbere amashyamba mu nshingano zacyo.

**Ingingo ya 25: Ibisabwa kugira ngo ishyamba riteye ku nkengero y'umugezi, uruzi cyangwa ikiyaga risarurwe**

Gusarura ishyamba cyangwa igice cyaryo giherereye ku nkengero y'umugezi, uruzi cyangwa ikiyaga bikorwa hashingiwe ku nyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije aho bikenewe.

**Ingingo ya 26: Kubungabunga amazi y'imigezi, inzuzi n'ibiyaga**

Ibikorwa bikurikira birabujijwe mu gihe cyo gusarura amashyamba ateye ku nkengero z'imigezi, inzuzi n'ibiyaga,:

1° gutengura inkombe;

2° kujugunya ibarizo cyangwa ibindi bisigazwa by'ibiti mu mazi;

**CHAPTER VI: HARVESTING OF FORESTS ALONG THE SHORES OF STREAMS, RIVERS AND LAKES**

**Article 24: Reasons that may prompt harvesting a forest along the shores of a stream, a river or a lake**

A forest planted along the shores of a stream, a river or a lake may be harvested in case the forest is old, diseased, needs to be replaced or any other reason that may be approved by the authority in charge of the development of forests.

**Article 25: Requirements for harvesting a forest along the shores of a stream, a river or a lake**

Harvesting a forest or its part along the shores of the stream, river or lake is done in accordance with its environmental impact assessment where necessary.

**Article 26: Conservation of waters of streams, rivers and lakes**

The following activities are prohibited during harvesting of forests along the shores of streams, rivers and lakes, are not allowed:

1° destruction of shores;

2° throwing sawdust or other wastes from forest products in water;

**CHAPITRE VI: RECOLTE DES FORETS DES RIVES DE RUISSEAUX, DE RIVIERES ET DE LACS**

**Article 24: Causes qui peuvent provoquer la récolte d'une forêt le long des rives d'un ruisseau, d'une rivière ou d'un lac**

Une forêt plantée le long des rives du ruisseau, de la rivière ou du lac peut être récoltée dans le cas où la forêt est vieille, malade ou a besoin d'être remplacée ou toute autre raison approuvée par l'Office ayant le développement des forêts dans ses attributions.

**Article 25: Conditions requises pour la récolte d'une forêt plantée le long des rives d'un ruisseau, d'une rivière ou d'un lac**

La récolte d'une forêt ou sa partie le long des rives d'un ruisseau, d'une rivière ou d'un lac est faite selon son étude d'impact environnemental en cas de nécessité.

**Article 26: Conservation des eaux de ruisseaux, de rivières et de lacs**

Les activités suivantes sont prohibées lors de la récolte des forêts plantées le long des rives des ruisseaux, des rivières et des lacs:

1° destruction des rives;

2° jeter de la sciure ou des autres déchets des produits forestiers dans l'eau;

3° kumena amavuta y'imashini, lisanse, mazutu cyangwa ibisigazwa by'imiti mu mazi;

4° kutagusha ibiti mu mazi.

**UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 27: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi anyuranyije na yo zivanyweho.

**Ingingo ya 28: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Kigali, ku wa 26/06/2018**

**(sé)**
**TUMUSHIME Francine**
**Minisitiri w'Ubutaka n'Amashyamba**

3° disposing machines' oil, petrol, diesel or biomedical residues in water;

4° not to make trees fall in water.

**CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS**

**Article 27: Repealing provision**

All prior provisions contrary to these instructions are repealed.

**Article 28: Commencement**

These instructions come into force on the date of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Kigali, on 26/06/2018**

**(sé)**
**TUMUSHIME Francine**
**Minister of Lands and Forestry**

3° jeter dans l'eau des déchets de l'huile de machines, essence, diesel et des résidus biomédicaux;

4° ne pas faire tomber des arbres dans l'eau.

**CHAPITRE VII: DISPOSITIONS FINALES**

**Article 27: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires aux présents instructions sont abrogées.

**Article 28: Entrée en vigueur**

Les présentes instructions entre en vigueur le jour de leurs publications au Journal Officiel de la République du Rwanda.

**Kigali, le 26/06/2018**

**(sé)**
**TUMUSHIME Francine**
**Ministre des Terres et des Forêts**